



IGITABO CY'UBUTUNGANE

IGITABO CY'UBUTUNGANE

MUTAGATIFU RITA
13 MUTARAMA 2023



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA
Sr MARCIANE



COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Ingingo z'igitabo cy'Ubutungane

MUTAGATIFU RITA: IGITABO CY'UBUTUNGANE	3
INTANGIRO	3
1. KWEMERA IMANA BIYANA NO KUBAHO MU BUTUNGANE.....	11
2. NAKORA IKI KUGIRANGO NGERE KU BUTUNGANE?	18
3. INZIRA Y'UBUTUNGANE IHARURIYE BOSE.....	25
4. IMBARAGA Z'UBUTUNGANE MU GUTSINDA ISI.....	42
5. URUHARE RW'UMWAMIKAZI W'UBUTUNGANE MU ISI.	47
6. AKAMARO K'UBUZIRANENGE BWA BIKIRAMARIYA MU NZIRA IGANA UBUTUNGANE.....	54
7. YEZU KRISTU UMWIGISHA W'UBUTUNGANE MU ISI MU MIBEREHO YOSE YA MUNTU.....	59
UMWANZURO.....	65



IGITABO CY'UBUTUNGANE

MUTAGATIFU RITA: IGITABO CY'UBUTUNGANE

Tariki 13 MUTARAMA 2023.

INTANGIRIRO.

Ubutungane ni ijambo rifite igisobanuro cyihariye kandi Ubutungane ni imbaraga umuntu akura ku kwemera kandi ni imbaraga zigaragaza urukundo n'umusabano afitanye n'Uhoraho Imana; kandi Ubutungane ni ingingo nterahirwe kuko ufite Ubutungane kandi ufite umutima usukuye; uwonguwo abona Imana kandi akabana nayo mu buryo busendereye kandi akaba koko agaragara nk'umutunzi utunze byinshi mu buryo bw'ibanga ry'umutima kandi no mu buryo bw'ibikorwa bisesekara inyuma bitama kandi bikagaragaza koko ko afite isuku y'umutima kandi atunganya byose mu bwitonzi, mu rukundo n'amahoro.

Ufite rero Ubutungane aba yifitemo ituze kandi aba yifitemo amahoro yose kuko ntakiba kimukoma imbere kandi aba yumva muri we aruhutse kandi akumva arambije mu Rukundo rw'Imana ntakimukoma imbere kuko aba atunganya byose kandi yarahawe gutunganirwa muri byose mu by'Ijuru.

Uri mu butungane rero muri we iteka yiyumvamo imbaraga zikomeye kandi akiyumvamo ubushobozi bwa buri kimwe cyose; kuko aba ari mu musabano n'Ijuru wihariye kandi koko ibikorwa bye bikaba bifite ubusendere nyakuri; kandi afite aho yageze mu busendere n'Ijuru mu buryo bwo gusabana kandi no



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kubana naryo, kumenya ibikorwa byihariye by'Ijuru mu buryo bwo kwakira Ugushaka kw'Ijuru kandi no mu buryo bwo gusabana n'Ijuru ntakimukoma imbere kandi yumva yisanzuye kuko muri we harangwamo ituze. Uri mu butungane kandi ubutunze mu mutima we, bityo iteka agahora yumva ashyigikiwe n'Ijuru kandi agahora iteka muri we yumva asabanye n'Ijuru mu buryo bukomeye kandi mu buryo budashyikirwa na mwenemuntu ushobora kubibona kandi no gutambuka k'uri mu butungane kandi k'ubutunze muri we.

Ubutungane rero ni ingabire y'ikirenga kandi ni ingabire iharanirwa kuko ari ingabire ikorerwa na mwenemuntu kandi akabikora abigizemo uruhare n'umwete kuko ushaka gutungana agira ibikorwa byihariye kandi agira imyitozo koko ya roho akora kugira ngo abashe gusingira Ubutungane nyakuri kandi abashe kugera ku busendere kuko ufite ubutungane muri we aba ajyana koko n'interu y'ukumvira kuko kumvira bitanga gutunganirwa kandi ukumvira bigatanga gutunganya byose no kwakira Ubutungane.

Uwumvira rero ntabwo atana no gutungana kandi uwumvira ntabwo atana n'ibikorwa by'ubutungane kuko kumvira kuzana amahoro kandi kumvira kugatanga umucyo mu mutima kandi bikagendana n'isuku y'umutima kuko utumvira ntabwo aba afite ubusendere bw'ubutungane kandi udatunganya nta n'ubwo agera



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kuri ubwo busendere. Niyo mpamvu rero roho yumvira kandi biyifasha gutungana mu buryo bwihuse kandi bikayifasha kugera ku musabano ushyitse n'Ijuru mu buryo nyabwo kandi mu buryo bukomeye bwo kwakira imbaraga ndetse no mu buryo bukomeye bwo gusabana n'Ijuru, nta kiyiziga kandi ntakiyitangira.

Ubutungane rero ni Ingabire y'ikirenga mwenemuntu ahabwa kandi nawe akayigiramo uruhare mu kuyikuza ndetse no mu kuyirera, kuko ari ingabire irerwa kandi mwenemuntu yagakwiye kwigiramo wese ariko kubera ukwikuza ndetse n'imihihibikano y'iby'isi ndetse n'ibikorwa bitandukanye mwenemuntu aba ahugiyemo, bityo ntabashe kureba urwo rumuri kandi ntabashe kureba icyo gishashi cy'ingabire y'Ubutungane kiri muri we. Bityo igakomeza gupfukirannywa n'imihihibikano no kuba mwenemuntu aba atari yimenya kandi ngo amenye aho yerekeza kandi amenye n'icyo agomba gutunganya ndetse no gukemura; bityo bigatuma atagera ku busendere nyakuri bw'umusabano n'Ijuru kandi abe yakwambara umwambaro w'Ubutungane. Roho rero zitunganye ziba ziri mu biganza by'Uwazihanze kandi roho ziyoroshya zikicisha bugufi zihutishirizwa Ubutungane kandi zikabasha kugera ku busendere bwabwo mu buryo bwihuse kandi mu buryo bworoshye kuko uwicisha bugufi kandi wiyoroshya aho anyujijwe hose kandi icyo akoreshejwe cyose kimuviramo koko umusaruro kandi



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kikamuviramo isaro ry'agaciro ryo kumva koko atunganiwe muri we kandi akumva yifitemo iruhuko, amahoro n'ibyishimo.

Ubutungane rero ntabwo buva koko ku nzira, ahubwo ni igikorwa gikorera kandi ni igikorwa cy'i kambere mu mutima kuko kugira ngo umuntu atungane hari byinshi agomba kunyuzwamo kandi hari uruganda rukomeye rwo gusukurwa agomba kunyuzwamo muri uko kwihanganira byose kandi muri ubwo bwiyoroshye bw'umutima n'urukundo n'ukumvira yemera kwakira icyo Ijuru rimugenera kandi mu bwiyoroshye kandi yemera kugikora nk'uko Ijuru rigisabye. Bityo aba aronka uwo mugenzi w'Ubutungane kandi aba awinjiramo mu buryo bushyitse kuko uko yemera guca bugufi kandi akemera kunyuzwa ahafunganye niko arushaho kugenda abona Urumuri rw'Ijuru kandi niko iyo roho irushaho kugenda ibona ikibatsi kiyisukura bityo ikarushaho kunyoterwa, intambwe yateye uyu muni imwe, ejo ikongeraho indi kuko iba iri mu bwiyoroshye kandi ifite koko inzara n'inyota byo kubona Imana kandi no kuyisonzera mu buryo bukomeye.

Udasonzeye rero iby'Ijuru ntashobora gushyika ku butungane kandi utaburarikiye ntashobora kubushyikaho kuko gutungana ariyo nzira koko yo kubona ibyiza by'Ijuru ndetse no kubyinjiramo mu buryo busesuye kandi



IGITABO CY'UBUTUNGANE

butamanzuye butagira ikibuziga ndetse n'ikibukoma imbere kuko kubona ibyiza by'Ijuru no kwakira umusabano bituruka koko ku busendere bw'umusabano ndetse n'ubutungane umuntu aba yifitemo kuko buri kimwe cyose abasha kucyumva muri we kandi bikamugirira umumaro mu buryo bukomeye. Niyo mpamvu koko abafite umutima usukuye kandi umutima uboneye aribo bazabona Imana mu buryo bushyitse kandi mu buryo busendereye bitari iby'inyuma kandi bitari iby'ibikorwa koko byihitira, bidafite kuramba. Uri mu butungane rero anywana n'Imana kandi anywana n'ibikorwa by'Ijuru mu buryo busendereye kuko ntakiba gishobora kumugamburuza kandi nta gishobora kumukura muri uko kwemera gukomeye kuko ubutungane bujyana n'ukwemera kandi bukajyana n'ukumvira. Ntawakumvira rero icyo atemera kandi nta n'uwakwemera icyo atumvira koko. Niyo mpamvu ubutungane buri hagati y'izo mbaraga zose kandi bukaba koko inzira nyakuri ihuza ukumvira n'ukwemera. Ufite rero ubutungane ni imbaraga nyazo koko zo kurushaho kwinjira mu musabano n'Ijuru kandi no kurushaho kwinjira mu busendere bukomeye bw'Ijuru mu buryo bushyitse kandi bukwiriye. Niyo mpamvu rero ufite ubutungane koko afite amahirwe akomeye yo kubona Ijuru kandi afite amahirwe akomeye yo kuba mu Ijuru igihe cyose, gusabana naryo igihe cyose ahariho hose mu byo arimo byose kuko mu butungane bwe bihora



IGITABO CY'UBUTUNGANE

bimukururira umusabano hagati ye n'Ijuru mu buryo bushyitse kandi mu bihe byose mu bikomeye n'ibyorohewe. Uri mu butungane rero ntacyo yikanga kuko aba yiringiye Imana kandi akaba azi neza ko iri mu buzima bwe kandi imugotesheje igitinyiro cyayo mu buryo bukomeye kuko iteka aba areba uruhanga rw'Imana kandi aba ari mu busendere bw'Ijuru mu buryo bushyitse. Niyo mpamvu rero gutungana kandi kwakira ubutungane kwa roho biyifasha kurushaho gukuza imigenzo myiza kandi kurushaho kuba koko imbuto nyamwinshi kandi no kwera imbuto nyamwinshi zirumbukira bose kandi zikarumbukira isi yose.

Niyo mpamvu rero intungane imwe izanira igice cyose kandi ikazanira umusozi wose amahirwe yo kubaho kandi ikazanira koko abenshi umukiro kandi roho y'intungane igakiza benshi kandi igahora iteka mu biganza by'Imana. Ufite ubutungane rero aba akungahaye kuri byose by'Ijuru kandi aba anakungahaye kuri byose kuko nta na kimwe ashobora kuburira mu biganza by'Imana kandi nta na kimwe ashobora kuburira mu Bubasha bw'Ijuru kuko iteka rimugoboka kandi iteka rikamushoboza byose mu kuganza ndetse no mu kurumbuka imbuto nyinshi kuko aba ari mu bwishingizi bukomeye kandi akaba afite koko igitinyiro gikomeye ahagazemo; kuko uri mu butungane aba ari ingoro nzima kandi aba ari ingoro ishyitse ikikijwe n'imbaga y'abatagatifu mu buryo bukomeye bityo



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ntatsindwe ku rugamba; kandi roho itunganye ntigire ubwo igira ikindi irarikira cyangwa se igira ikindi isonzera kitari Ijambo ry'Ijuru kandi kitari ubukungu bw'Ijuru mu buryo bushyitse.

Gutungana rero ntibireba uyu n'uriya gusa ahubwo gutungana n'ibya roho zose kandi bireba buri muntu wese ari uwiye kuriye Imana ari umulayiki biramureba gutunganira Imana ndetse no kuyinogereza imigambi yayo yose iba yifuza kuri mwenemuntu; kuko koko utunganye aba atunganya byose kandi agatunganirwa na byose nta kimubera imbogamizi kandi nta n'ikimubera umutwari mu buryo bwo kwitagitifuza kandi mu buryo bwo kwiyegurira Imana nyakuri; kuko kwiyegurira Imana kandi no kuyitunganira bitavuga abadafite icyo bakora kandi bitavuga abadafite urundi ruhare mu bindi bintu byinshi ahubwo gutungana bisaba kwiyegeranya mu mutima kandi kwikuramo muzunga muzunga y'ibitekerezo ndetse n'akajagari k'ibikorwa byinshi mu mutima, ahubwo byose bigasohoka. Buri kimwe kigasohoka gifite icyo kigiye gukora kandi buri gikorwa cyose kikinjira mu mutima no mu bwenge kiyobowe n'urumuri rw'ubutungane buri mu muntu kandi buri muri roho ishaka gusabana n'Ijuru mu gihe cyose kandi mu gihe cya ngombwa. Ubutungane rero ni imbaraga zikomeye zo gutsinda umwanzi kandi ubutungane ni intwari ikomeye yo guhashya umwanzi kuko uri mu butungane atagira



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ibikangisho bimukanga kandi atagira ibimugora n'ibimunanira kuko iteka aba ahagaze mu Bubasha bw'Ijuru kandi iteka akaba ari mu Burinzi bw'Ijuru aho ari hose n'ibyarimo byose kuko ahabwa umurongo kandi akayoborwa n'Ijuru mu buryo bwiza kandi buboneye. Niyo mpamvu rero gutungana ntako bisa kandi nta n'icyabiruta kuri mwenemuntu uri muni y'Ijuru kandi kuko ari nawe bireba mu buryo bunoze kandi mu buryo bukwiriye kugira ngo koko abashe kunogera umugambi w'Ijuru kandi abashe koko kunogera ibikorwa by'Ijuru mu buryo nyabwo kandi busendereye.

Ubutungane rero ni intwaro yo gutsinda umwanzu kandi ubutungane ni intwaro ijyana ku rugamba bityo urugiyeho agatahukana itsinzi kandi agakomera kuko aba ahagaze mu Bubasha bwose bw'Ijuru kandi akaba ari mu Burinzi bukomeye bw'Ijuru ntagishobora kumunyeganyeza no gutuma adandabirana; kuko aba ari ingoro nzima y'Ububasha ndetse n'lkuzo ry'Ijuru kuko aba akikijwe n'imbaraga kandi akaba agoswe n'abatagatifu mu buryo bukomeye; kandi mu buryo bwo kurushaho kumwuzuzanya ubuziranenge no kumwuzuzanya imbaraga z'ubutungane kuko baba baratagatifuje kandi barujujwe urumuri bityo nawe agahabwa urwo rumuri akarushaho gusukuka kandi akarushaho kubengerana icyiza no guhumura impumuro nziza y'urukundo muri bose.



1. KWEMERA IMANA BIJYANA NO KUBAHO MU BUTUNGANE.

Birakwiye ko uri mu nzira igana Imana kandi ko ufite urukundo rukunda kandi rushakashaka Imana wese agomba guharanira ubutungane; kuko abafite umutima utunganye aribo bazabona Imana kandi ko buri wese wibwira ko yemera kandi akaba azi Imana ariko afite umutima udatunganye aba ari ukwihenda; kandi aba ari ukwidindiza mu rukundo ndetse no mu kuyoboka Imana igihe adakora ibikorwa bimukiranura n'ikibi; kandi ibikorwa bimufasha gutungana ndetse no kwiyinga n'Imana kugira ngo koko abashe kuyibona; kandi abashe gusabana nayo maze bimurinde kugoboka kandi bimurinde kuvunika no kumva arambiwe kugenda inzira yo kwiyegegurira Imana ndetse no kuyemera mu buryo bukomeye.

Ufite ubutungane rero bimufasha kugendera mu bwiyoroshye kandi bikamufasha kugenda atavunika mu nzira igana Imana kandi no mu rukundo rwo kuyemera kuko iteka aba afite umutima usukuye bityo ntihagire ikimunanira kandi ntagire ikimurambira maze roho ye igahora iteka irehareha ishaka kugendera muri urwo rukundo kandi ishaka koko kubona ubwiza bw'Imana mu buryo busendereye.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Rero uwibwira ko yemera Imana ariko adafite umutima usukuye kandi adaharanira isuku ya roho kugira ngo yitagatifuze kandi ahore iteka yoga mu kibatsi kimusukura kandi ahore iteka yumva ko ari umunyabyaha ndetse n'umunyantege nke; bityo bimufashe guca bugufi imbere y'uwo yemera kandi kugira ngo amutunganye kandi amusukure, icyo gihe akarangwa koko no kugira ijosi rishingaraye ntabashe guca bugufi imbere y'Ijuru kandi imbere y'Imana; biramugora kandi bikamuvuna mu rugendo rwe kuko kubona Imana biba bigoranye kuri we kandi iteka akavunika bityo akananirwa vuba mu rugendo kandi agasubira inyuma buri muni kuko hari urukuta ruba ruriho rutuma atabona ubusendere n'ubwiza bw'Imana. Bityo icyo yemera atakibonye bigatuma agamburuzwa kandi bigatuma asubira inyuma bitewe n'uko umutima we uba ufite byinshi biwuzitiye kandi byinshi biwutwikiriye. Niyo mpamvu rero uwemera Imana agomba kubanza guharanira koko isuku ya roho akita kuri roho ye akayibagarira icyiza kandi akayifumbira mu buryo bukwiriye akora imigenzo myiza kandi aharanira ibikorwa bitunganye; aharanira icyamuhesha ikuzo mu maso y'Imana kandi icyamuha kuba koko intungane mu maso y'Imana mu buryo bukwiriye bityo agahora iteka akorera byose mu kuri; kandi agahora iteka yumva ko icyo akoze cyose agikoreye mu maso y'Imana maze akambara ubusa mu maso yayo. Igihe cyose ntiha gire ubwo yumva ko ashobora gukinga uwo yemera



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kandi ashobora gukinga Uhoraho Imana ye. Bityo akicisha bugufi kandi iteka akumva ko Imana imuhozaho ijisho ryayo kandi Imana igenzura ibikorwa bye igihe aryamye, igihe ahagaze, igihe agenda, igihe avuga. Ibikorwa bye byose agasuzuma koko niba binyuze Uhoraho kuko aricyo kizamuha gutungana kandi kikamuha koko kubona uwo yemeye no gusa nawe mu buryo busendereye.

Niyo mpamvu rero udatunganye muri we urugendo rwo kuyoboka Imana kandi urugendo rwo kwemera Imana rumugora. Bityo agahora abona Imana ko ariyo nyantegere nke kandi ko itamwitaho; Imana ko idashoboye kandi ko Imana irobanura bamwe ikabahunda ibyiza abandi ikabareka. Nyamara ibyo byose biba bizana inzitiro zikomereye muri roho ye kandi ibyo byose bikaba bimukururira icuraburindi rituma akomeza kuzitira urugendo rwe no kwitega imitego kuko aba atemereye Ijuru; kandi aba atemereye Uhoraho Imana ngo akore byinshi muri we kandi ahindure kamere ze, ahindure ibikorwa bye. Iteka agahora yitambika imbere y'umugambi w'Ijuru kuri we maze akabona ko Ijuru ariryo rimutererana kandi Ijuru ariryo ritamwitaho kuko ataba yagize umwanya wo gutega amatwi ahubwo akumva ko kuba yemera Imana, ko azi ko ibaho ibyo bihagije; kuba asenga, kuba akora kiriya agakora na kiriya ibyo bihagije ariko ntagire umwanya wo gutekereza kuri roho ye kandi ntagire umwanya wo kwihebuka ngo arebe koko



IGITABO CY'UBUTUNGANE

icyafasha roho ye ngo ashyiremo imbaraga zikomeye zo kugira ngo arwanye ikibi cyose gituma roho ye itambamirwa; kandi ikibi cyose gituma roho ye itabona ubwiza bw'Imana kandi roho ye ntibone urumuri nyakuri rumufasha gutunganya kandi rumufasha kwibona uko ari kugira ngo asukuke kandi yakire imbaraga z'urumuri.

Utarakira rero uko kwemera gukomeye muri we ntabwo aba yemera Imana kandi nta n'ubwo koko aba ayikunda kuko aba ayirerega kandi nawe yirerega kuko Uhoraho Imana atareregwa kandi adahendeshwa utubonetse nk'utw'abana ahubwo areba koko kandi akagenzura ibikorwa by'umutima; kandi akagenzura amarangamutima ya buri wese n'ibitekerezo bye mu buryo bukwiriye kuko ntacyo umuntu ajya gukora Uhoraho abe yananiwe kugenzura inshuro igihumbi igitekerejwe kandi ikigambiriwe gukorwa na mwenemuntu . Rero hari igihe mwenemuntu abangukirwa n'ibindi bitekerezo mbere yo kugaragaza igikorwa. Bityo Uhoraho Imana akaba yasuzumye ibyo bitekerezo byabanje niba koko byari bihwanye n'Ugushaka kwe kandi niba byari bihwanye koko n'ikuzo mwenemuntu yishakira ndetse indonke n'icyubahiro akurikiranye ku bamubona ndetse n'abamwitaho. Niyo mpamvu rero gutungana ari umuzi uturuka mu mutima kandi ukaba koko umuzi shingiro w'imibereho ivuguruye kandi imibereho igurumana ikibatsi cy'ubuzima kuko ufite



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ubutungane kandi ubuharanira yita kw'ibanga ry'umutima kandi akita kw'ibanga ry'ibitekerezo bye. Iteka agahora areba koko neza niba bigaragara neza mu maso y'Imana kandi niba ibitekerezo bye bigendanye n'urukundo kandi bikaba bigendanye n'Ugushaka kw'Imana. Bityo bikamuha kwiyumvamo imbaraga zishobora gutuma ahindura ibitekerezo kandi imbaraga zishobora gutuma ahindura injyana y'ibyo yifuzaga gukora maze bityo yasanga yatannye kandi yasanga ibyo atekereje bitajyanye n'ukuri k'uwo yemera kandi ukuri kw'Imana, bityo bikamuha imbaraga zo kwicengera no kwisuzuma no kwihutira kwisukura akinyuza koko mu iriba rimusukura kandi akumva ko agize igisebo ndetse agize n'ikinegu mu maso y'Imana kuko imurebesha amaso yayo kandi imuhozaho ijisho ryayo. Bityo akumva ko agaragaye nabi imbere y'uwo akunda n'umukunzi we maze akihutira kwisukura kandi akihutira kwikarabya kugira ngo yongere ase neza kandi yitunganye. Bityo yitwararike agendere mu murongo ashaka kandi Imana imwifuzamo kugira ngo koko ibikorwa bye kandi n'umutima we ugaragaze ukwemera kwe kandi ugaragaze icyo aharanira n'icyo ashaka.

Ubutungane rero ni inzira yo kwigorora kandi ni inzira iteka ifasha mwenemuntu kugororokera Ijuru kandi kurangamira Ijuru ntakindi aribanganyije naryo, ntakindi arirutishije kandi ntakindi yegamiye. Iteka



IGITABO CY'UBUTUNGANE

agahora yumva ari nk'akanyoni kari mu muyaga kisunze Ububasha bw'Imana kandi kisunze Imbaraga z'Ijuru maze ntugire ikimuhungabanya kandi ntugire igituma adandabirana mu nzira ye; kuko aba yumva ari mu munezero we kandi ari mu mudabagiyo. Nibwo butungane rero bushyitse kandi ni nako kwemera gushyitse kuko uri muri icyo nzira kandi uwemera Imana agomba koko kugendana n'Ubutungane igihe hari ukwemera kutagira ubutungane kandi kutagira koko ukwemera nta kiba gihari kandi nta n'ikiba gikoreka muri benemuntu. Aba agomba gufata umwanya akitekerezaho kandi aba agomba gufata igihe cyo kwicengera mu mutima kugira ngo koko yisuzume kandi arebe ese koko ubutungane bwanjye mburimo cyangwa se nta n'ubwo nari nabusingira. Bityo akareba kandi akiga aho bipfira, agatabaza imbaraga z'Ijuru kandi akegera Ijuru kuko tuba turi bugufi kandi turi hafi ya buri wese kugira ngo uteye intambwe kandi uwisumbukurije kugira ngo atange ikiganza abashe kuramirwa atunganwe. Tuba twiteguye kumwakira kandi tuba twiteguye kumuha inzira n'umurongo. Nibyo rero koko icyo umuntu akomanze arakingurirwa ntabwo yirengagizwa ahubwo yakirwa vuba na bwangu. Niyo mpamvu rero udakomanze kandi udashaka nta n'ubwo ashobora. Niyo mpamvu rero ushaka wese ashobozwa kandi tukamuba bugufi kugira ngo yakire kandi asukurwe mu buryo bukwiriye kandi mu buryo buboneye.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Ubutungane rero ni inzira ya buri muni kandi ni urugendo rwa buri muni. Ariko uwamaze kubusingira kandi wamaze kubushyikira, ntabwo iba ikiri inzira igoranye kandi ntabwo iba ikiri inzira y'inzitane ahubwo byose agenda abibona kandi agakomangirwa vuba, kwigarura ndetse no kwihutira gukosora icyo yari agoretse kuko aba azi neza ko icyo akoze kidahwanye n'urukundo ndetse n'uwo yemera, bityo agaharanira iteka kugororokera Ijuru kandi agaharanira iteka kugendera ku kuri k'Ububasha bw'Ijuru kugira ngo koko atababaza uwo yemera kandi uwo akunze. Ubutungane rero ni ingabire y'amahoro kandi ubutungane ni ingabire y'ibyishimo n'umusabano. Ni ingabire ihetse izindi mu moko yose kuko ifungura byinshi kandi igafungura ibitangaza bikomeye k'utunze ubutungane muri we kuko ntacyo Ijuru rimwima kandi Ijuru ntirigire aho rimuheza kuko aba ari nk'umwana muto kandi akaba ateta koko mu biganza by'umubyeyi we mu buryo bukomeye. Niyo mpamvu rero uwemera Imana agomba gushyiraho koko no kuringaniza n'ubutungane kugira ngo abone inzira nyayo kandi yoroherwe n'urugendo rugana Imana mu bijyanye no kwitagatifuza ndetse no kurushaho kugirana umubano ukomeye n'Ijuru kandi kugirana umubano ushyitse mu bumwe n'ubusabane bw'Ijuru ryose.



2. NAKORA IKI KUGIRANGO NGERE KU BUTUNGANE?

Ubutungane buraharanirwa kandi ubutungane burashakishwa kuko ntawe ubona icyiza atarushye kandi ntawe icyiza cyizanira atakoze kandi atagihihikaniye kuko ubutungane habaho kubusonzera kandi hakabaho kwifuza gukomeye k'umutima. Bityo ufite uko kwifuza aba ameze nk'impara yahagira ishaka amazi afutse bityo koko kwa gushakashakisha kandi akumva hari icyo roho igomba kugeraho kandi itarabona, bigatuma koko mwenemuntu ashobora kugera ku butungane busendereye kandi mwenemuntu roho ishobora kubona urwo rumuri rw'Ubutungane.

Icyo rero umuntu yakora kandi yagomba kwiyumvamo, n'ukumva ko kuba ariho abereyeho Imana kandi abereyeho kuyikuza no kuyishimisha, abereyeho kuyitunganira, atabereyeho kuyigomera ndetse no kuyigomekaho; ahubwo akumva ko iteka kuba ariho hari umubeshajeho kandi kuba ariho hari inkomoko kandi hari isoko akomokaho izira ikibi kandi izira inenge. Bityo yakumva koko ko hari icyo asabwa kandi yakumva n'uwo ariwe ndetse yareba n'ibyo arimo bityo bikamuha kwitarura kandi bikamuha kwitaza bimwe maze akinjira mu Bubasha bukomeye bw'Ijuru kandi akinjira mu Rumuri



IGITABO CY'UBUTUNGANE

rukomeye rw'Ijuru nk'uwijugunye mu maboko y'umubyeyi we kandi nk'umwana wijugunyiye ugomba kumusama azi neza ko atamutenguha kandi azi neza ko amwizeyeho uburinzi n'ubushobozi. Bityo uharanira ubutungane kandi koko ubushaka nta buryarya nta mbereka abugeraho kandi bugasenderezwa mu buryo bukwiriye.

Uwemeye rero kwitanga kandi akiyambura yiyambuye ikibi cyose kimutandukanya n'urukundo rw'Imana akinjira muri ubwo bubasha ndetse no muri urwo rumuri, abona imbaraga zikomeye kandi akamera koko nk'uguye aho yagombaga kugera kandi yagombaga kuramirwa maze bityo agasasa akamererwa neza kandi akakira izo mbaraga ziturutse mu rukundo ndetse no mu rumuri rw'Imana rumufasha kwitagatifuza; kandi rukarushaho kumusukura mu buryo bwihuse kandi mu buryo bwa buri muni kugira ngo iteka ahore yumva intege nke kandi ahore iteka yumva ko ari umuntu; kandi akeneye ubutabazi bukomoka mu Bubasha bw'Imana ndetse no mu Bubasha bw'Ijuru kugira ngo bumutabare kandi bumukize amoshya yose y'umwanzi. Utarashinga rero ibirindiro hamwe, utarumva icyaricyo, utarimenya kandi ngo yisobanukirwe kandi amenye aho kuri roho ye itakarira kandi amenye igipfa muri we ntabwo ashobora kwikiza kandi nta n'ubwo ashobora kwishakira ubuhungiro kuko igiteye kiza kikamugwaho kandi



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ikimurekereje kikamugeraho bitewe n'uko aba adahamye hamwe kandi atariyumvamo koko aho agomba kwikinga n'aho agomba kwihisha. Ushaka rero ubutungane hari urugendo aba yakoze muri we kandi hari intambwe aba yateye yo kumva ko azinutswe ikibi akizinutswe kandi akakibona nk'umwanda akemera kwiyambura yiyambuye kuko aba yabonye koko ubusembwa bwe aho buri kandi akabona aho umwanda we uri bityo akumva niba ari ikibi ni ikibi kandi niba ari icyiza ni icyiza. Bityo akemera kujya mu ruhande rumwe kandi ntagendere mu nzira ebyiri icyarimwe kuko icyo gihe avunika kandi ntabashe kurokora cyangwa se kugera aho yagombaga kugera mu gihe gikwiriye kuko yuzuza ikirenge kimwe mu nzira imwe, ikindi akacyuzuzwa ahandi bityo urugendo intambwe ntizibe zikibusanya kugira ngo zihute kandi agere aho agomba kugera.

Niyo mpamvu rero hagomba kubaho urugendo rukomeye kuri roho kandi hakabaho ukwiyanga umuntu yanga ikibi ahubwo akunze Uwamuhanze, Uwamuhaye byose, Uwamuhaye urukundo kandi akamukungahaza akamuha igeno rimukwiriye bityo yakumva urwo rukundo kandi yabona ubwo bwiza bw'Imana yamukunze, bityo akamenya ko ari umwana wayo kandi akamenya ko afite inkomoko ndetse n'intaho bikamuha kwiyambura icyo kibi kandi bikamuha kwiyaka icyamutinzaga mu mayira cyose. Bityo akinjizwa mu butungane nyakuri kandi



IGITABO CY'UBUTUNGANE

akinjizwa mu rumuri nyakuri rumufasha kubaho uko Imana ishaka kandi rukamufasha gutagatifuza roho ye ndetse n'iz'abandi mu gushyikira ikibatsi kandi mu gushyikira urwo rukundo rw'Ikirenga maze agatera intambwe kandi agakataza yihuse kugira ngo agere ku busendere nyakuri kandi agere ku mbaraga zikomeye zimufasha kwiubaka ndetse no kubaka roho ye maze akamenya koko ikigomba kumushoboza byose; kandi ikigomba kumufasha gusiga ikibi maze akiyuzuzamo imbaraga n'urumuri maze akitandukanya atyo n'ikibi cyose kandi akitandukanya n'icyamuteraga kudindira kandi n'icyamutinzaga mu mayira ntabe akigendera mu nzira ebyiri, kandi ntabe akigendera mu nzira ebyiri kandi ari umwe ahubwo akagendera mu nzira imwe agakataza kandi akuzuzwa imbaraga n'urumuri; bityo Ububasha bw'Ijuru bukamutwikira.

Ushaka rero kuba intungane kandi ushaka kugendera mu butungane ni inzira aharanira kandi ni inzira akorera mu bwitange bwe kuko ushaka icyiza wese aragihararira kandi akakivunikira; niyo mpamvu rero aba agomba kugenda atarambiwe kandi akagenda nta kangononwa afite mu mutima, igihe yatsinzwe uyu muni ejo akumva ko azatsinda kandi akaba ari mutarambirwa mu rugendo kuko inzira y'ubutungane ni inzira yo guca mu bikomeye n'ibyoroheje kugira ngo koko iteka uhore usuzumwa kandi uhore iteka ushyirwa ku gipimo kugira ngo koko



IGITABO CY'UBUTUNGANE

uzegukane igihembo ugikwiriye kandi uzagere ku busendere nyakuri bw'uko koko wakoreye ipeti ukariharanira mu buryo bukomeye. Gutungana rero ntabwa ari inzizi ahubwo gutungana ni ibikorwa kandi ni urugendo mwenemuntu agenda nk'uko umwana atozwa kugenda kandi agashyira agakomera bityo akamenya kwigenza kandi akamenya kujya hose ntawe umufashe ntawe umurandase. N'inzira y'ubutungane ni uko kuko uyigenda abanza gutaguzwa rimwe akagwa ubundi akabyuka akegurwa kuko tuba turi bugufi nk'Ijuru kugira ngo tumukomeze kandi tumwongerere urumuri n'imbaraga. Bityo tukamukomeza kandi tukamufasha kugera ku ntsinzi nyakuri. Rero urambirwa kandi n'uje mu nzira y'ubutungane akina ajenjetse atazi icyo aje gukora biramugora kandi mu gihe cyo kumugoragoza ndetse no gupimwa koko ko ashobora gutunganya byose kandi akakira ugutunganyirwa muri we nicyo gihe agorerwa kandi nicyo gihe ananirirwa kandi dusuzuma dukuraho ikibi cyose duhanaguzwa urumuri kugira ngo aho ikibi cyafashe gikurweho kandi amenye ibyo yikiranuye nabyo, amenye ibyo yitandukanyije nabyo ibyo aribyo; ariyo mpamvu anyuzwa mu isuzumwa kandi akanyuzwa koko mu isuzumiro kugira ngo aharwaye hamenyekane. Bityo nawe amenye inenge yari afite kandi amenye n'ibyamutegaga ibyaribyho kugira ngo nagera ku rumuri kandi nagera koko ku butungane nyakuri amenye ibyo yahanganye nabyo kandi amenye ibyarwanyaga roho ye



IGITABO CY'UBUTUNGANE

byose yasize bityo bikamuha ibyishimo igihe abusingiriye ubutungane nyakuri kandi abwinjiyemo.

Ubutungane rero ni intambara kandi ni ugukotana kwa buri muni kugeza koko aho umuntu abusingiriye yumva ari mu rumuri rukomeye kandi yaramaze kumenya gutandukanya ikibi n'icyiza bityo akamenya kwirinda kandi akaba yarinda n'abandi mu buryo bukwiriye abarinda ikibi kuko aba azi imfuruka zose z'ikibi kandi akaba azi koko inguni zose z'ikibi kugira ngo akirwanyeye muri we kandi akirwanyirize n'abandi. Ubutungane rero ni intambara ikomeye kandi ubutungane ni urugendo rukomeye umuntu arwana kandi ni urugendo rukomeye umuntu anyuzwamo kugira ngo koko agere ku mutsindo kandi agere ku mbaraga zisendereye z'intsinzi nyakuri kandi ahabwe ishimwe n'ipeti azi aho yanyuze kandi azi n'ibikomeye yatambutsemo. Bityo bikamuremera ituze kandi bikamuha gukomera no kubakika mu buryo bukomereye. Ni intsinzi rero umuntu yambikwa n'ukwitanga kwe kandi no kutarambirwa mu rugendo rwo kwanga ikibi no kukirwanya muri we bityo bikamuha kugera ku ntsinzi nyakuri kandi bikamufasha koko gutsinda icyamuhigaga ndetse no kukirwanya muri we no mu bandi kuko hari urugendo aba yakoze kandi hari imbaraga zikomeye aba yahawe mu buryo bukomereye.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Ni urugendo rero kandi ni umwitozo umuntu akora azi neza ko agomba kuwutsinda kandi azi neza ko agomba no gusubiramo igihe atsinzwe kugira ngo koko asenderezwe intsinzi kandi nawe yumve koko ko yagize uruhare muri urwo rugendo kandi azi neza ko yarugokeye kuko aribyo bifasha umuntu kwiyubaka kandi bikamufasha kongera gutera indi ntambwe yihuse igihe atarambiwe kandi igihe atajijanyije mubyo aba yanyujijwemo byose kugirango ubutungane bwe busuzumwe kandi bugerwemo mu buryo bukwiye bwa ngombwa.

Icyo rero umuntu uri mu nzira y'ubutungane agomba gukora ni ukutarambirwa n'ukudakebaguza hirya no hino ngo arebe ngo bariya baracyari muri bya bindi, bari muri biriya, yumve arararutse kandi yumve arabisonzeye nyamara ari mu nzira yo kubwirinda. Icyo gihe ntabwo ugera ku busendere nyakuri kuko uba ugomba kurwana intambara y'ikikurimo kugira ngo gishiremo kandi kirandurweho ubigizemo uruhare kandi ukitandukanya n'icyo wanga kandi kikubuza kugera ku busendere bw'ubutungane ukarwana nacyo kandi ukagitsinda kuko imbaraga zacu z'ljuru ziba zikuri bugufi kandi ziba ziteguye kukurwanirira no kugufasha gutsinda icyo kibi cyose kugira ngo ubashe koko kwiyumvamo imbaraga kandi ubashe kumenya urugamba warwanye. Ni ngombwa rero guharanira ubutungane utarambiwe kandi utagira akangononwa ko kumva ko utagomba



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kubishyikaho; ugomba kwinjira mu nzira y'ubutungane no kubuharanira ufite ukwemera nyako kandi ufite ukwemera kutajegajega, ukwemera gukomeye mu nzira utangiye kandi mu rugendo utangiye, kumva wizeye imbaraga z'ljuru kandi uziringiye muri byose ko zizagushoboza. Niyo mpamvu rero ubutungane kandi inzira yabwo ijyana n'ukwemera n'urukundo bitajegajega kandi bigendeye koko k'ukwemera ko Imana ishobora byose kandi ishoboza byose abayikunda n'abayemerera bityo ukabona ikiramiro kandi ukabona imbaraga zigukomeza muri iyo nzira.

3. INZIRA Y'UBUTUNGANE IHARURIYE BOSE.

Ku bihaye Imana gutungana birabareba kandi ni ingenzi, ni n'ishingiro ry'imibanire myiza rwagati muri bo kandi ni n'ishingiro ry'urukundo ndetse n'ishingiro ry'ubumwe bwa benshi mu buryo bwo kubegera ndetse no kureshya imbaga nyamwinshi ibona iruhuko muri bo kandi yongera kugarurwa mu rukundo rw'Imana. Uwihaye Imana rero agomba guharanira ubutungane kandi akabigira koko nk'uruzinduko rwamuzinduye rumukura mu rugo iwabo ajya gushaka Imana. Bityo iteka agahora ashaka gutungana ndetse no gutunganya byinshi yaje asize kandi yaje aretse kugira ngo yitandukanye nabyo kandi yinjire



IGITABO CY'UBUTUNGANE

koko mu musabano ukomeye n'ljuru nta kimuziga kandi nta kimutera hejuru ngo yumve atagohetse kandi yumve koko atari mu murongo uko agomba kuwubamo. Gutungana rero bisaba ituze kandi gutungana bisaba kwirundarunda ndetse no kwimenya kugira ngo koko iteka umenye icyo uhamagarirwa kandi umenye icyo wifuzwaho. Bityo umenye uko utunganya kuko mu gutungana havamo ukwitagatifuzwa nyakuri biturutse ku mirimo y'urukundo kandi biturutse ku mbaraga utanga uziha abo baguhaye kandi uziha abo muri kumwe kugira ngo koko uberere imbuto zikomeye kandi ubereke ko wamenye Imana kandi hari intera n'intambwe umaze gutera mu buryo bwa roho kandi mu buryo bwo kwiyuzuzza n'Imana mu musabano ushyitse; utari uw'innyuma kugira ngo bakumenye kandi bamenye ko ukomeye utanga imbaraga z'innyuma zo kwiyerurutsa kuko ubwo nta butungane burimo ahubwo ari ukwishushanya kandi ari no kwigira imbonera mu bandi. Bisaba rero guca bugufi cyane kandi bikagusaba kuba agasambi abandi bakandagiraho; kumva uri ubusabusa mu bandi kandi kumva ko utari igitangaza mu bandi. Bityo ugahora iteka wumva ko hagomba gukuzwa Imana muri wowe kandi igomba guhabwa umwanya wa mbere; akaba ariyo ivugwa kandi akaba ariyo ihora igaragara mu bikorwa byawe kuko aba ari ibikorwa bigomba kurebwa na benshi kandi ibikorwa bigomba guhurirwaho na benshi kugira ngo koko bakurizeho kubaha Imana no kuyimenya



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kuko uba warashyiriweho ikimenyetso cy'uko koko wihaye Imana kandi uyizi by'ukuri. Bityo nawe ugaharanira kwera imbuto zihumura zigaragaza ko wamenye Imana kandi wayihaye usa nayo, mu bikorwa ndetse n'ibimenyetso bitandukanye ukorerera abandi.

Bityo bikabaha muri bo gukunda Imana ndetse no kuyitinya, kumva koko uri Imana mu bantu kandi kumva ko uri ikimenyetso cy'Imana mu bantu wowe mu mutima wawe utikujije kandi utabikoreye kwikuza ahubwo ubikoreye guhesha icyubahiro uwagutumye kandi uwaguhamagaye kugira ngo umwihe kandi umurekurire ubuzima bwawe ngo abugenge abwigarurire abukoreshe icyo ashatse kandi abukoreremo uko ashatse, wemera kwitanga nk'igitambo kandi nk'ituro kugira ngo koko uwo watuye ituro wamuhaye arikoresha uko ashatse; kandi arigabe uko ashatse muri bese muri uko kuberera imbuto abandi niko kugaba ituro uba watuye. Bityo bikaba ikiramiro cya benshi kandi rikaba igihozo cya benshi mu buryo uwo watuye uko ashaka kurikoresha n'uko ashaka kuritambutsa afasha imbaga kandi arengera benshi mu buryo bwe kandi mu kimenyetso cye.

Uwihaye Imana rero agomba kugira imigenzo iboneye muri we igaragaza ko yatunganyijwe kandi nawe atunganiwe mu bikorwa by'Imana kuko hari imigenzo igomba kumuranga kandi hari imbuto agomba kwera zigaragaza koko aho ubutungane bwe bugeze; kandi



IGITABO CY'UBUTUNGANE

n'aho ibikorwa bye bigeze mu kwemera Imana no kuyiyegurira mu buryo bushyitse. Uwihaye Imana rero aba agomba kurangwa n'ibyishimo nyakuri kandi ibyishimo bisendereye, agatera bose ibyishimo kuko imbuto y'ubutungane ari ibyishimo mu bandi, ari amahoro, ari umusabano, ari ituze kandi ari urugwiro buri wese washyikiriye ubutungane ahereza abandi kuko imbuto y'ubutungane kandi imbuto z'ubutungane zigaragaza kandi zikiranga. Uwihaye Imana rero aba agomba kugira ibyo bimenyetso kandi akagaragaza ko atunze Imana muri we kandi yayihaye kandi nayo ikamwiha mu buryo bukomeye. Niyo mpamvu rero uwihaye Imana kugera ku butungane biba ari ngombwa kandi ari n'ingenzi kuko adatunganye ntacyo yaba yarasize kandi ntacyo yaba yariyatse mu rugendo rwe kuko hari byinshi aba agomba kwiya kuko aba yarituye nk'ituro abizi neza abikunze kandi abishaka abigiriye urukundo rw'Imana; kandi mu mutima we wumva koko ko waje kwakira kandi waje guhura n'Imana kugira ngo ubashe gusukuka kandi ubashe kwiyumvamo umusabano ushyitse hagati ye n'Ijuru mu buryo nyabwo busendereye.

Niyo mpamvu rero uwihaye Imana agomba kugira uruhare rukomeye kugira ngo yerere imbuto abo yasize mu butayu kandi abo yasize I Musozi kugira ngo nabo koko babe ikimenyetso cy'amizero kandi abashe kubareshya abarasiraho imirasire y'ubutungane kugira



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ngo nabo muri we bamuboneremo Imana; bityo baze bamugana kandi baze baje kuvoma no gushira inyota bamenye kandi bashakisha aho yavomeye kandi bashaka kumenya koko uwamugabiye kandi wamwambitse ibyo byiza. Niyo mpamvu rero k'uwihaye Imana agomba kwitonda kandi akigengesera kuko aba atwaye amabanga ndetse agizwe ikimenyetso cy'Ijuru mu bantu kugira ngo atange amizero muri bo kandi atange koko urukundo rushyitse mu bantu; kuko benshi baba baravuye ku isoko y'ibyiza by'Imana baritaniye barataye inzira, bityo rwa rukundo ndetse na cya kimenyetso yagabiwe cy'ubutungane kandi aharanira buri muni. Bityo akereka n'abandi uburyo inzira igendwa kandi akabashishikaza mu bwitonzi atabahutaje atagaragaza ko yabaye ikirenga kandi ko hari aho yageze bo badashobora kugera ahubwo mu gutwara no mu kurera ndetse no gusindagiza abanyantege nke. Bityo nawe ubwe koko yifitemo ukwemera, yifitemo ubutungane nyakuri bitari ibyo kurerega ndetse no guhendesha abantu inyuma ahubwo umutima we ushingiyeye ku isoko y'Ijuru kandi ku isoko y'ubutungane n'ubuziranenge bw'Ijuru kugira ngo muri we havomororwemo ikibi maze humvikane icyiza muri we biturutse ku isoko y'Ijuru kandi ku Bubasha bw'Ijuru; maze benshi biyumvemo urwo rukundo kandi benshi abashe kubavomerera abigiranye ubwiyoroshye kandi abigiranye umutima we ukunze Imana kandi umutima ukunze ibiremwa byose Imana yaremye muri uko



IGITABO CY'UBUTUNGANE

gukingurira umutima bose kandi muri uko kwihanganira byose kugira ngo abashe kuba byose mu biremwa by'Imana kandi abashe koko kuba ikimenyetso mu biremwa by'Imana mu buryo bwo kubigaruriramo uburyohe no kubasha gutungana; kuko ari ikimenyetso cy'inzira ya bose mu kugana Imana kandi mu kuyimenya babikunze; babikuye ku mutima; kuko agomba koko kuba ikinyotera cy'abandi kandi akaba n'urumuri rw'abandi, ikimenyetso gishya cy'amizero y'Imana mu bantu.

Niyo mpamvu rero koko agomba kwambara Kristu kandi akambara intsinzi ye kugira ngo iteka yitagitifuze kandi iteka ajyane koko n'urwo rukundo Imana yamukunze maze abashe kubibiba mu bandi kandi abashe kubitangaza mu bandi bamenye Imana; kandi bakurizeho kuyubaha no kuyitinya bitewe n'icyubahiro nawe yagaragaje gituruka ku mbuto y'ubutungane; kuko uwatunganye yubaha Imana kandi akigengesera ku byayo byose kugira ngo hatagira ikiba sakirirego kandi hatagira icyasha kiranganwa ibyiza by'Imana kuko aba agomba kuba yaramaramaje kandi akagomba koko kugendera muri iyo nzira yaharuriwe yo kugira ngo yitunganye yitagitifuze kandi yambare umwambaro mushya w'uko abanye n'Imana kandi yaje kuyikorera kugirango yakire ibyiza byayo kandi abashe gutunga ibyiza byayo nk'umurage mu buryo busendereye.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Uwihaye Imana rero ni ikimenyetso gikwiriye koko mu barayiki kandi gikwiriye mu bataramenya Imana kugira ngo babashe kuyimenya kuko aba yaraje gukorera Imana kandi umukozi mwiza iyo akoze neza bituma bamwe bagarurira sebuja icyizere kandi bigatuma bamenya uburyo akorera sebuja neza bityo bikabaha gukunda sebuja ndetse no kumwiyumvamo kurushaho. Ariko iyo akoze nabi mu mirimo ya sebuja bituma benshi bamwegukaho akaba yahombya sebuja kandi akaba yatesha agaciro sebuja bamwe bibaza impamvu yamuhaye imirimo nk'iyi ngiyo. Niyo mpamvu rero uwihaye Imana aba agomba koko guharanira kubahisha uwamuhaye akazi kandi wamuhuruje amukunze bityo akabigirana urukundo kandi akabigirira igitinyiro n'icyubahiro gikwiriye Data we; kandi umuhamagara Yezu Kristu wamutumiye kugira ngo akore mu muzabibu kandi yere imbuto nyinshi zikwiriye, kugira ngo abantu bagarukire Ingoma y'Imana mu buryo nyabwo kandi mu butungane bushyitse biturutse ku kimenyetso agaragaza kandi amarangamutima n'imbaraga ze agaragaza ko yayobotse Imana kandi yayimenye Ubutungane busendereye. Bityo bikabibamo benshi ukwemera kandi bikabibamo benshi urukundo no kongera kwiyumvamo ibyishimo by'Ijuru no gukorera Ijuru nta na kimwe birengagije kandi nta na kimwe basimbutse mu buryo bukwiriye kandi bwa ngombwa.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Inzira y'ubutungane ku barayiki nabo irabareba kuko batagomba kwigira ba sibindeba mu nzira y'ubutungane kandi mu nzira yo kugororokera Imana kuko ubutungane bukwiriye ubundi buri kiremwa cyose kandi buri wese akaba abuhamagarirwa mu bikorwa bye kandi no mu kurangiza inshingano ze zo mu isi; kuko hari ibyo agomba kubahiriza kandi hari ibyo agomba gukora abigiriye ikuzo ry'Imana kandi abigiriye kubahisha urukundo rw'Imana muri we no mu bantu. Umurayiki mwiza rero agomba gukora ibitunganye kandi umurayiki mwiza ukunda Imana kandi wiyoroheje uciye bugufi muri we ntagomba gukora ikizira kandi ntagomba gutambamira umugambi w'Imana yitwaje ibyarimo kandi yitwaje imihihibikano y'isi; yitwaje ibigeragezo, ibitotezo bikomeye ahura nabyo, inzitane zikomeye ahura nazo mu isi kuko ziba zitagomba kumubuza gutunganira Imana kandi ziba zitamwemerera guhemuka ndetse no guhemukira Uhoraho Imana yamuhanze. Ahubwo aba ari ibimufasha koko kubasha kuva muri izo nzitane yitwaje urumuri afite kandi urumuri yacaniwe, urumuri rugomba kumufasha kunyura muri ibyo kuko bimwe aba ari ibikangisho by'Umwanzi kandi ibindi bikaba ari ibimufasha koko kumenya ko Ububasha bw'Ijuru buhari kandi Imbaraga z'Ijuru ziri kuri we; maze bikamukurizaho gutangira inzira koko yo kwitagatifuza kandi gutangira inzira yo gusabana n'Ijuru mu buryo nyabwo.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Umurayiki nyawe rero kandi wamenye Yezu Kristu, uzi urukundo rw'Imana, iteka agomba kurangwa no kwisukura kandi iteka agaharanira isuku ya roho kugira ngo koko anogere Imana kandi anogereze inzira zayo mu bantu, kugira ngo benshi bayimenye kandi abe ikimenyetso cya benshi mu kumenya Imana mubo babana, mubo basangira, mubo bakorana, mubo bagendana ndetse n'abo bavugana kugira ngo icyo avuze cyose kirangwemo imvugo y'Imana, kandi icyo akoze cyose giherekezwe n'Ububasha bw'Imana mu bikorwa bye byose. Ntabwo rero gutungana kandi no kugendera mu nzira y'ubutungane bireba abiyeguriye Imana kandi abihaye Imana ahubwo buri wese uri muni y'Ijuru kandi buri kiremwa cyose mwenemuntu yagakwiriye kurangwa n'ubutungane, kwisukura kandi guhora iteka ari mu kibatsi kimutagatifuza kandi mu kibatsi kimwambura ubushwambagara bwose bw'ikibi kandi ubushwambagara bwose bugendana na kamere muntu; kugira ngo abashe kubisiga kandi abashe kubirekura no kubita abyange urunuka kandi yumve koko ko ari ibimubuza gusabana n'Ijuru.

Hari benshi rero bibwira ko guhemuka kandi gucabiranya, kubeshya ndetse no gukora hirya no hino mu matiku ndetse no mu bindi bikorwa byose bijyanye n'ingabire za sekibi kandi ibikorwa by'umwijima, akibwira ko aribyo bimufasha kuzana amahoro kandi aribyo bimufasha



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kubana n'abantu amahoro ndetse no kumva ko ari umuntu mwiza mu bantu kuko ntawe yahemukiye cyangwa se ntawe yabwije imvugo y'ukuri. Bityo bikamushuka akumva ko aribyo bimuha kubana n'abantu amahoro. Nyamara siko biri ahubwo gutungana kandi kubibamo ntabwo bihindura umuntu igicucu kandi ntabwo bihindura umuntu umunyanteye nke, ahubwo byerera imbuto abandi kuko ubikoze abigiriye ikuzo ry'Imana hari igisigara kubo abikoreye. Bityo akibaza kandi akamenya ko hari abantu batowe n'Imana kandi abantu bambaye Imana muri bo, abantu bambaye Kristu mu buzima bwabo kandi ba Kristu mu buryo bukomeye. Niyo mpamvu rero gutungana atari ikinegu kandi atari igisebo mu bandi kuko isi yose igomba gutungana kandi isi yose ikazabaho mu rumuri. Hari benshi rero bagiye bitaza ubutungane kandi bakagenda babugendera kure kuko bumva bubabuza uburenganzira bwabo kandi ubutungane bubabuza kuba mu bwisanzure bw'umubiri uko babyumva kandi no mu bwigenge uko babyumva ariko nyamara ni ukwivutsa amahirwe y'imigisha y'Ijuru kandi ni ukwivutsa ingabirano z'ibyiza by'Ijuru kuko uwagwatiriwe n'Ububasha bw'Ijuru ntaho ashobora kubucikira kandi nta n'aho ashobora kubwitariza. Niyo mpamvu rero uwinjiye mu butungane aba yinjiye mu kumvira gukomeye kandi akaba yinjiye mu rugamba rwo kubana n'Ijuru ndetse no kuryumvira mu buryo bwa nyabwo kandi mu musabano ushyitse mu musabano



IGITABO CY'UBUTUNGANE

uhoraho, mu musabano ukomeye. Ubutungane rero ni inzira y'umusabano kandi ni inzira yo guhura n'Imana uko bikwiriye kandi mu gihe cyose kuko aba ari inzira yaharuriwe buri wese kandi iteganyirijwe buri wese; kuko buri muntu agomba kubana n'Imana kandi buri muntu akagirana umusabano n'Ijuru mu buryo bukwiye kandi mu buryo bwagutse kuko aricyo mwenemuntu abereyeho kugirana ubwo bumwe n'Ijuru kandi kugirana ubwo bumwe n'Imana. Niyo mpamvu rero ari umurayiki ndetse ar'uwayiye n'Imana inzira y'ubutungane bayihamagarirwa bese kandi inzira y'ubutungane bagomba kuyinjiramo bese nta n'umwe usigaye kandi bese bakuzuzanya mu gutunganya iby'imbere ndetse n'ibyo hanze kugira ngo ubwami bw'Ijuru bwumvikane kandi Ubwami bw'Ijuru bumenyekane mu bantu kuko Imana ikorera muri bese kandi ikigaragariza muri bese icyarimwe.

Niyo mpamvu rero ku murayiki n'uwayiye n'Imana inzira y'ubutungane ibareba kandi buri wese ayihamagarirwa kugira ngo ahore iteka mu kibatsi kimusukura kandi ahore iteka mu mbabazi ze ndetse n'imbabazi za bagenzi be yibabarira yanga gukora ikibi n'icyatuma ahemuka kandi ahemuzwa mu maso y'abandi. Bityo iteka agaharanira koko kwakira izo mbabazi muri we kandi akazigirira n'abandi kuko umurayiki mwiza aba atagomba kurangwa no gucira imanza abadatunganye ahubwo aba agomba



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kubasabira ndetse akabinjiza mu mutima we ndetse no mu rukundo rwe rwakiriye isuku y'umutima. Bityo akaba imashini isukura kandi akaba icyuhagiriro gisukura abandi kuko ufite umutima usukuye icyo asabye cyose aragihabwa kandi agahura n'Imana. Niyo mpamvu buri wese aba agomba koko kwitangana uwo mutima usukuye kugira ngo yikize kandi akize n'abandi mu buryo busendereye. Umurayiki mwiza rero ni urangwa n'ubutungane nyakuri kuri buri kimwe cyose kandi mu bikorwa bye byose bikarangwa n'ubutungane bikabanzirizwa n'ubutungane, kugirango abashe kubahiriza ikuzo ry'Imana kandi abashe kubahisha igitinyiro cy'Imana mu buryo bukwiriye kandi mu buryo busendereye.

Ni inzira rero y'amahoro kandi ni inzira y'ibyishimo, ni inzira y'ubwiyunge mu gutungana k'umurayiki kandi n'uwiyah'Imana kuko bibafasha kugarura imitima myinshi kandi bikabafasha kunga benshi kuko aba azi aho nawe yavunikiye kandi akaba azi nawe ibyo yanyuzemo. Bityo rwa rugendo yanyuzemo ntarangwe no gucira abandi imanza bakirurimo ahubwo akarangwa no kubasabira, kubaha umutima ukunze kandi kubakunda byimazeyo kugira ngo nabo babone urwo rumuri kandi nabo akomeze kubakurura abakwega abashyira koko mu kibatsi kibasukura; kugira ngo nabo biyumvemo imbaraga kandi biyumvemo urwo rukundo rw'Imana babashe



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kubaduka no gukurwa muri iyo sayo baba barimo. Niyo mpamvu rero uwatunganye agomba gutunganya n'abandi kandi akagomba gukurura abandi buhoro mu isengesho mu bwitange kandi mu nzira nawe yanyuzemo atungana, yitagatifuza. Bityo akayinyuzamo abandi abababarira abagirira impuhwe yumva ko batananiranye atumva ko ari abanyanteye nke badashoboye gukora nk'ibyo ari gukora uwo mwanya kuko nawe aba agomba kuzirikana aho yanyuze kandi akazirikana imbaraga zose byamutwaye n'igihe byamufashe maze akababarira abandi kandi akabaheka bikunze n'ubwo baba bakuruma kandi n'ubwo baba bakwanduza. Bityo ukabikorana urukundo kugirango nabo babone inzira kandi babone koko imbaraga nk'izakuranze, bitewe n'imbutu uberera kuko aricyo gikorwa cyo kwihutisha gusukura kandi kikaba igikorwa koko kihutishwa mu guhindura benshi bigiriwe imbuto nawe weze kandi ubigiriye urukundo wabagiriye utabaciriye urubanza, utabahanyeye, utabereka ko bataye kandi ntacyo bashoboye ahubwo ukabemeza kandi ukabereka ko Imana ishoboye byose mu kubaheka mu isengesho kandi mu kubafata bakubona cyangwa bata kubona kugira ngo ubasindagize ubabere akabando kabageza koko ku nzira nyakuri y'ubutungane kandi ku cyerekezo nyakuri cy'inzira y'ubutungane. Niyo mpamvu rero utunganye biba bimusaba koko kuba ingobyi y'abandi kandi kuba ikimenyetso cy'abandi, kuba icyambu cy'abandi kugira ngo nabo binjire muri iyo



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ntambara y'urukundo rwo kubafasha kwitunganya kandi no kwinjira muri urwo rumuri rubafasha gutungana nyakuri.

Umurayiki rero nyawe ni urwo rwego agomba guhagararamo kandi niyo nzira agomba kumva, agomba kwerekezamo kugira ngo afashe abandi kandi yereke abandi icyerekezo; abereke uburyo bwo kwisukura kandi abereke uburyo bwo kubaho mu nzira itunganye atabahahana cyangwa ngo abateragirane ahubwo iteka agahora abazirikana mu mutima we kandi abasindagiza kugira ngo badatana cyangwa ngo bananirwe ahubwo umutima we ukaberekeraho kugira ngo bakomeze urugendo kandi bahabwe imbaraga zikomeye binyuze mu bwitange bwe kandi binyuze mu rukundo afitiye imbaga y'Imana mu kuyitagitifuza; kandi no kuyigeza aho yageze ntacyo abakinze ahubwo abahaye urukundo rwe kandi abahaye imbaraga ze zose kugirango bagere ku busendere bw'isuku nyakuri kandi ku nzira yo kwitagitifuza nyako.

Ubutungane rero bw'umuntu ntabwo bupimishwa ijisho ry'umuntu kandi nta n'ubwo bushyirwa ku kigero cy'umuntu kuko Uhoraho Imana ariwe ugenzura ab'imitima itunganye kandi ab'imitima iboneye mu maso ye; kuko hari benshi bagaragara nk'abasazi kandi benshi bakagaragara nkaho ntacyo bitaho kandi nta nicyo



IGITABO CY'UBUTUNGANE

bamaze mu bandi ariko nyamara ibikorwa byabo kandi imikorere yabo itunganiye Uhoraho Imana bafite icyo bakorera mu ibanga ry'imitima yabo kandi byose bakabikora babigiriye urukundo rw'Imana. Bityo bikagaragaza koko urukundo bafitiye Imana kandi bikagaragaza umuhate n'ishyaka bafite mu bikorwa by'Uhoraho Imana. Ubutungane rero bugira inzira nyinshi bunyuramo kandi bukagira uburyo bwigaragaza mu bikorwa bitandukanye kuko hari benshi babaho mu buryo ubona ko bwigunze kandi mu buryo ubona ko ntawe ubageraho cyangwa ari abantu b'intabwa bari aho ngaho ariko imitima yabo igahora iteka isonzeye Imana kandi imitima yabo igahora iteka iri mu bikorwa by'Imana mu buryo bukomeye; kandi mu buryo bwo gukuza Ububasha bw'Ijuru muri bo. Nyamara isi ikababona nk'abanyanteye nke kandi isi ikabona nkaho ari imburamumaro kandi ari n'imburamukoro. Ariko ubwitange bwabo kandi umurava wabo ugatuma hari ibikorwa byinshi bigaragariramo ubutungane bwabo kandi hari ibikorwa byinshi bigaragariramo ukwitagatifuza ndetse no guha abandi amahoro mu buryo butandukanye ntawe babangamiye kandi nta n'uwo babujije amahoro bitewe n'uko Uhoraho Imana aba yabishatse kandi aba yabigennye kugira ngo muri bo hatambukiremo byinshi kandi muri bo babe koko iriba ry'abandi kandi babe icyuhagiriro cy'abandi mu buryo bw'ababakwena kandi mu buryo bw'abatesha agaciro abandi; mu buryo bw'abasuzugura iremwa



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ry'umuntu ngo uyu yaremwe kuriya uriya yaremwe kuriya muri kwa kwiyakira kwa wa muntu mu buzima abayeho kandi mu rugamba ahoramo rukomeye yamenya kwiyakira kandi yamenya kwakira ibyo anyuramo byose bityo akaba impongano y'abo basekera abandi akaba koko iteme ribambutsa kuko uko abababarira kandi uko abitaho akabagirira impuhwe nk'uku Yezu Kristu yagiriye abishi be akabagirira impuhwe, ni nako n'uwo muntu aba ameze. Bityo bikagaragaza ubutungane bwe kuko aba atihorera kandi aba atihimura ku bamugirira nabi n'abamwitura inabi bityo muri we hakagaragaramo imbuto y'ubutungane kandi igikorwa gikomeye cy'ubutungane kuko koko aba asangiye kamere na Yezu Kristu mu bikomeye kandi imbere y'akaga n'amagorwa akomeye yemera kubabarira abishi be yemera kubasabira impuhwe n'imbabazi. Bityo bakababarirwa kandi n'uwagize nabi ntibamucire urubanza ngo amute ku musaraba ahubwo akemera kumusangiza ikuzo agiye gusangira na Se. Niyo mpamvu rero ibikorwa by'ubutungane bituruka mu mutima kandi imbuto z'ubutungane zikera mu mutima. Ntabwo ari uburyo umuntu yigaragaza inyuma kandi ntabwo ari uburyo umuntu agaragara nk'intungane inyuma bamwe bakabisoma ariko nyamara mu mutima we yaraboze kandi mu mutima we nta rumuri na busa rurimo ahubwo harimo ubukobanyi kandi umutima we harimo ibikorwa by'urukozasoni kandi ibikorwa bidatunganye.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Ubutungane rero busuzumwa n'Uhoraho Imana kandi ni nawe ubugaba uko ashatse. Bityo akabugenera uwabuharaniye kandi n'uburyo yitwara mu mibereho n'imigirire ye. Bityo bikamuremera ubutungane nyakuri kandi bikamufasha koko kubaho mu buzima nyabwo kandi mu buzima bukwiriye bwo gutunganwa no gutunganya abandi abigiriye imbabazi n'urukundo abagirira kandi uburyo aberaho kubasukura abinyujije mu k'uko batita ku byiza Imana yaremye kandi bagapfobya bagatesha agaciro. Bityo akaba icyomoro kandi akaba koko ikiraro cy'abandi mu kubasabira imbabazi no kubaha kwiyunga n'Imana kuko abatakambira bityo bamwe babona uwo bagiriye nabi ntacyo byamutwaye kandi ntacyo byamuhinduyeho bityo bakagabanya inabi yabo kandi ntibongere kwihimura ku bandi. Niyo mpamvu rero ubutungane bufite amashami menshi kandi bukera imbuto nyinshi zitandukanye bitewe n'uko buri wese yabuharaniye kandi bitewe n'uko buri wese yabubayemo mu nzira iyi n'iriya. Bityo agatunganya byose abigiriye urukundo rw'Imana kuko ubutungane ari imbaraga z'umutima kandi ari imbaraga zirekurira kandi zikishyira mu biganza by'Imana mu buryo buzira imbereka kandi mu buryo buzira amakemwa ayo ariyo yose. Niyo mpamvu rero gutungana nta gipimo mwene muntu yabiha usibye Uhoraho Imana n'Ububasha bw'Ijuru bugenzura kandi bugasuzuma imikorere ya buri wese kandi Ijuru



IGITABO CY'UBUTUNGANE

rigasuzuma imitekerereze n'uko buri wese yiyumva kandi ashidikira ibikorwa by'Ijuru mu buryo bukomeye kandi bwa nyabwo.

4. IMBARAGA Z'UBUTUNGANE MU GUTSINDA ISI.

Abari mu butungane kandi abafite urumuri rw'ubutungane bahawe kuba abagenga b'isi kandi bahabwa koko kuba abana b'Imana bishingiwe kibyeyi mu buryo kandi mu ntambara zikomeye zo mu isi baba bagomba kurwanira mu butungane kandi baba bagomba kurwanira mu cyubahiro cy'Ijuru bafite. Bityo bikabaha gutsinda isi kandi bikabaha kwiyaka imbaraga zose z'umwanzi muri bo bakagendera mu rumuri rw'ubutungane kandi bakagendera mu mbaraga zabwo kugira ngo koko bitwe abana b'Imana kandi bitwe ba mutsinzi kuri buri kimwe cyose umwanzi abatega kandi no ku ngorane zose bahura nazo mu isi kuko bahabwa kwihangana kandi bagakomezwa n'imbaraga z'Ijuru, kandi icyo bizeye n'uwo biringiye ntabakoze isoni ariwe Uhoraho kuko abagoboka kandi akabaramiza igitinyiro cye n'imbaraga ze bityo umwanzi akabagendera kure kandi umwanzi ntababuze amahoro kuko aba azi neza uwo begamiye n'uwo bashyigikiye. Uri mu butungane rero hari byinshi atsinda ku mpamvu y'ubutungane bwe



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kandi hari byinshi bitamugeraho ku mpamvu y'ikigero agezeho mu butungane bityo ibyo anyuzemo byose akabicamo agenda kandi ibyo anyuzemo byose ntibigire icyo bimuhungabanya kuko bimubera nk'isabune akaraba kandi bikaba nk'ikibatsi anyujijwemo kugirango yongererwe imbaraga kandi yongererwe gukomera. Uri mu butungane rero ntanyeganyezwa n'ibihuha kandi ntatinzwa n'ibihita kuko aba azi ko bigomba kurangira kandi akaba azi iherezo rya buri kimwe cyose kuko aba asabanye n'Ijuru rikamugezaho amakuru kandi rikamuha umurongo nyawo ukwiriye kuko aba ari mu butungane bwaryo kandi akaba koko ari mu mbaraga z'Ijuru. Bityo ntihagire na kimwe kimugora kandi ntihagire na kimwe kimudindiza mu bitagakwiye kumudindiza.

Ubutungane rero ni intsinzi ikomeye kandi ni intwaro ikomeye mu isi. Akaba ariyo mpamvu Ijuru twamanutse kugira ngo twuzuze ubusendere bukwiriye mu mitima kandi abantu babashe guhumuka buzuzwe imbaraga z'ubutungane kandi buzuzwe urumuri rw'ubutungane kugira ngo isi itsindwe n'ibyayo byose bitsindwe; kuko ubutungane buzaba imbaraga zikomeye mu bihe bikomeye kandi mu bihe biri imbere isi igomba kwinjiramo. Abantu bakayoborwa nabwo kandi bakabuyoboka nta n'umwe usigaye inyuma kandi nta n'umwe ugira ingingimira kuko rizaba ari itegeko kandi rikaba koko ari ibwiriza ridakuka ryo kubaho mu rumuri



IGITABO CY'UBUTUNGANE

rw'Imana kandi kubaho mu buziranenge bw'Imana kuko aribwo buha mwenemuntu gutungana. Ubutungane rero ni imbaraga zikomeye kandi ni intsinzi igomba kugaragarira isi yose kandi bukazahabwa icyicaro gikomeye mu isi kuko twaje kandi tukaza kwiyoborera isi tunyuze koko mu gutunganya imitima ya benshi kandi mu kuyitegura kugira ngo ibeho mu rumuri rw'Imana kandi ibeho mu butungane nyakuri bityo benshi bamenye Ingoma y'Imana kandi benshi bakire Ugushaka kw'Imana kuko ariko kuzabaha gutungana kandi kuzabaha kugendera mu rumuri no kutibagirwa icyo basabwa n'Ijuru, kuko uri mu butungane ntacyo atesha agaciro, ntacyo ahitaho cy'Ijuru atagihaye umwanya kandi kitamuviriyemo isomo ndetse n'inzira y'urugendo rwe rwa buri muni. Uri mu butungane rero buri kimwe cyose akibonamo igisingizo cy'Ijuru kandi akakibonamo Ububasha bw'Ijuru kuko nta cyaremwe cyose kiba impfabusa mu maso ye kandi nta cyaremwe cyose atesha agaciro, ahubwo byose abibonamo Urukundo rw'Imana. Bityo ubwo butungane bugomba gusendera imitima bukazagarura byinshi kandi bukazahuza byinshi. Umwana w'intama akaryama iruhande rw'ikirura ntihagire icyo kimutwara kandi nawe ntagire icyo aba. Niyo mpamvu rero ubutungane buzahinda urwango kandi ubutungane bugahinda inzikekwe bugahinda inzangano zikomeye, kandi bugahinda inzika n'inzangano n'inzigo mu bantu kuko buri wese icyo azaba aharanira ari ugutunganira



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Ijuru kandi icyo buri wese azaba aharanira ari ukwakira Ububasha bw'Ijuru; kugira ngo atarigomera kandi atitandukanya naryo ukundi. Ubutungane rero ni intsinzi ikomeye izafasha buri wese kubaho ku isi kandi kubaho mu buzima bushya bw'isi Ijuru riri guteganya kandi Ijuru ryatangiye muri urwo rugendo kugira ngo buri wese amenye gutunganira Imana icyo aricyo kandi buri wese amenye kubana n'Ijuru icyo bivuze n'icyo bisaba; ko ari ukwitunganya kandi umuntu agategura umutima akaba altari kandi akaba ingoro nyabuzima ishyyitse, ingoro y'Imana kandi ingoro y'ibyiza by'Ijuru mu buryo bukomeye kandi mu buryo bushyitse.

Niyo mpamvu rero ubutungane buranganwa isuku ya buri gihe kandi isuku ikomoka mu kibatsi gitagatifu kigabwa n'Uhoraho Imana kandi urumuri rw'ubuziranenge ruturuka muri Uhoraho Imana. Bityo bwa buziranenge bitewe n'imbaraga zabwo bukabasha gusukura umutima kandi bukabasha gukuraho icyasha cyose kuko ntawe ufata ubugi budaca ngo abugereranye n'ubugi busendereye. Niyo mpamvu rero Uhoraho Imana yifitemo ubugi butyaye bityo agakuraho icyanduye kandi agatema ikibi cyose muri mwene muntu bityo ubuziranenge kandi ubutagatifu bwe bugatagatifuza mwenemuntu muri icyo kibatsi. Bityo agahabwa isuku nyayo kandi agahabwa kuba umunyembaraga mu bubasha bw'Uhoraho Imana. Bityo bikamufasha gutsinda



IGITABO CY'UBUTUNGANE

isi no guhigika amagorwa ndetse n'intambara zayo za buri muni.

Uri mu butungane rero aba yizeye intsinzi ikomeye ya buri muni ku Bubasha bw'Ijuru kandi aba yizeye buri muni gutsinda isi kuko ntacyo aba yumva kimukangaranya imbere ye kandi ntacyo aba yumva cyamubuza gusabana n'Ijuru mu buryo bukwiriye kandi cyamukuriraho umusabano nyawo afitanye n'Ijuru kandi urugendo yatangiye icyo cyaba aricyo cyose kuko aba azi ko Uhoraho Imana ahari nk'Umurwanyu we kandi ububasha bw'Ijuru bumugose impande zose, yiteguye gutsindirwa n'Ijuru kandi yiteguye kuneshya icyaza kimuteye icyo aricyo cyose. Ubutungane rero niyo mpamvu bugendana n'Ukwemera kandi ubutungane bukagendana n'ukwakira buri kimwe cyose byaba ibikomeye n'ibyoheje kuko uri mu butungane agomba kubyakira kandi akabaturizamo ntavuze urwamo kuko aba azi ko ayobowe n'Ububasha bw'Ijuru kandi ayobowe n'urumuri rw'Ijuru mu buryo bukomereye, yizeye ko imbere ye kandi ayobowe n'Inyenyeri imukomeza kandi imufasha gutsinda mu buryo bw'Ubutatu butagatifu kuko buba bumushyigikiye kandi ububasha bwabwo bwose bukaba bumugose mu buryo bukomereye.

Ubutungane rero ni intsinzi kandi ni imbaraga zo gutsinda isi no kuyiyaka mu buryo nyabwo kandi mu buryo



IGITABO CY'UBUTUNGANE

buboneye umuntu agera ku cyiza aharanira kandi arushaho kwakira Ugushaka kw'Imana muri we. Bityo bikamuha gutuza no gutekana kuko aba ari mu burinzi kandi akomejwe n'Imbaraga n'Igitinyiro cy'Ijuru. Bityo agahabwa imbaraga zo gutsinda isi no kuyihigika mu bubasha bwose ahabwa na Yezu Kristu we watunganyije byose mu isi kandi akamanuka aje gukwirakwiza Ubutungane n'Umusabano ushyitse kugira ngo atsinde isi kandi abemera kugendera mu nzira ze abahe gutungana nk'uko se wo mu Ijuru ari Intungane nkawe.

5. URUHARE RW'UMWAMIKAZI W'UBUTUNGANE MU ISI.

Nabaye mu isi mu bihe bikomeye kandi ubuzima bwanjye mbuhuriramo na byinshi byatumye menya Urukundo rw'Imana kandi bituma menya uko Imana yita ku bayikunda kandi ibyo nanyuzemo bimpa kumenya Imana no kuyisobanukirwa mu buryo bukomeye. Bityo binyubakamo icyizere kandi binyubakamo imbaraga zikomeye zo kuyishakashaka ndetse no kumenya koko uburyo ibayeho kandi imibereho n'Urukundo ikunda kandi igaragariza mwenemuntu. Bityo ibyo nanyuzemo kandi ibyanteraga gukangarana mu isi ntibyatuma nigumura ku Mana ahubwo bimpa kuba ikimenyetso



IGITABO CY'UBUTUNGANE

gikomeye cyo kuyimenya kuko aricyo cyari cyaramanuye mu isi kandi akaba arizo mbaraga nari naraje gutanga mu isi, kwigisha kandi no kuba ikimenyetso cy'abandi mu guca mu bikomeye, ibyoroshye n'ibyorohewe mu buryo butandukanye kandi mu bihe bitandukanye kugirango Imana igende igaragaza ikuzo ryayo kandi Imana igende ihishura ibikorwa byayo kuri mwenemuntu ndetse no ku ntore zayo.

Nanyuze rero mu byagombaga gutuma nicara kandi mu byagombaga gutuma mva ku Mana Nkayireka ariko siko byagenze kuko nari mfite icyo naziye mu isi kandi nari mfite n'imbaraga nazanye mu isi mu buryo bwo kwihanganira byose kandi mu buryo bwo gukomera nkomejwe n'imbaraga z'ikibatsi gitagatifu; kandi ikibatsi cyagurumanishaga ubutungane muri njye , inzara n'inyota byagurumanishwaga mu mutima wanjye mu buryo budasanzwe ndetse no kuva mu buto bwanjye ariko simenye ikizayimara kandi simenye naho izarangirira. Bityo nemera guca muri byinshi kandi nemera kugindagurana na byinshi, kurwana na byinshi kugira ngo mbashe koko kugera k'ucyo numvaga nsonzeye kuko muri njye narebaga nkumva hari icyo ntarashyikira kandi hari icyo ntarageraho ku busendere numva nifuzza. Bityo bikampa kubona inzira ya buri muni kandi bikampa gukomeza urugendo, kwihanganira byose nanyuragamo kandi kwihanganira ibyendaga no kuncisha



IGITABO CY'UBUTUNGANE

umutwe ibyo byose simbibone ahubwo nkabona ntwikirijwe n'ikibatsi gikomeye cy'Urukundo rw'Imana. Bityo nkakomera kandi nkakomeza urugendo nkhangana kandi sintentemuke kandi sinkurwe ku izima z'icyo nagombaga guharanira gushakashaka. Bityo Imbaraga za Yezu Kristu ntizisibe ku buzima bwanjye kandi urukundo nari mufitiye nkumva koko ruragurumana igihe cyose. Bityo akaba ari nako kubaka isi kwanjye kandi kuyiha inkunga ikomeye yo gutanga urumuri rwanturukagamo kuko nari meze nk'ikibatsi kigurumana kandi ngurumana umuriro w'urukundo, umuriro w'ikibatsi cyakaga ubutitsa muri njye bityo rwa rumuri rukagurumanira naho ndi ndetse n'abo turi kumwe nkarushaho kubona rutemba rubasanga kandi rubasatira bityo rugahora rubiyuzuzura. Bamwe rukabatera guhindukira kandi abandi rukabakura ku izima ry'icyo babaga bibitsemu kibi bityo urumuri rwanjye rukabaha gutungana kuko rwakaga nk'ikibatsi gikomeye kandi kigakoza indimi hirya no hino benshi bakaboneraho urumuri kandi bagakongeza amatara yabo akaka kandi bakagendera muri urwo rumuri babaga bakuye ku kibatsi nagurumanaga.

Yezu rero yambaye hafi kandi amfasha gukomera mu isi kuko bari bazi icyo banyoherereje mu isi kandi n'icyo nje kuhakora gukwirakwiza impumuro y'ubutungane kandi gukwirakwiza ubudacogora ku bantu mu kugana Imana ndetse no kwambarira urugamba urwo arirwo rwose,



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kugira ngo babashe kurubamo uko bikwiriye kandi ntibitume bihakana izina ry'Imana bamenye kandi ibikorwa bitunganye by'Uhoraho Imana bakabasha kubikomeraho no kubizigama ndetse bakabigira koko ubwiru bukomeye muri bo; kugira ngo ikirezi bambitswe kandi ikamba bahawe ridapfa ubusa kandi rigateshwa agaciro n'umwanzi rigakandagirwa n'ingurube rigahonyorwa bityo iteka ngahora nsigasira kandi ngahora iteka mbungabunga kugira ngo mbe ikimenyetso cy'abandi kandi mbe koko umuhamya w'abandi w'ibikorwa by'ubutungane mu isi. Naharaniye rero ukuri biba ingoma nitwaje mu kwaha kwanjye ntashobora gushyira hasi kugira ngo koko abenshi bazayegamire kandi benshi bazayigaragire mu buryo bukomeye kuko ingoma nari narahawe kandi ikamba nari naragabiwe itashoboraga gutuma mva ku izima kandi ritashoboraga gutuma ndekura icyiza Uhoraho Imana yanshyizemo kandi yanteganyirije.

Nari ndi mu isi rero nk'umumarayika kandi nk'umurinzi w'ibikorwa byinshi mu isi byagombaga kuzuzwa kandi byagombaga kubaho bityo ngirwa Umwamikazi w'Ubutungane kuko hari imbaraga zanjye nyinshi zakoreshejwe kandi hari ibikorwa nagombaga kuzuza mu isi kandi byagombaga koko guteguriza Umwami w'Ubutungane, kugirango nawe ashirweho kandi abeho mu isi kugirango ubutungane bugwire kandi ubutungane



IGITABO CY'UBUTUNGANE

busagambe mu isi hose. Ntabwo rero Ijuru ryagiye rikora ibikorwa ridafite icyo rigambiriye kandi ridafite icyo rigamije mu buryo bufatika kandi mu buryo bwumvikana kuko ubutungane bwagombaga gukura kandi ubutungane bugakura mu isi hose bukumvikana bukamenyekana. Bityo amagorwa yose ntiyatumye nihakana Uhoraho ahubwo yampaye gutambuka kandi ampa gukomera ampa kwihanganira byose, kandi ampa gusiga byose kugira ngo Uhoraho mubone muri byose yaba nsonje, yaba ndushye, yaba ndemerewe, byose ibyo ntibyankuye ku rukundo mukunda kandi ntibyambuzaga kubyuka ngo nongere mushakashake kandi mubone nkaho hari icyo nataye bityo nkaba nkibonye. Nkagira ibyishimo bikomeye kandi bigasenderera muri nje kuko ariyo nyota n'ishyamba nari mfite bikomeye byo kugira ngo nturane nawe kandi mbashe kwegerana nawe mu buryo bukomeye. Nasimbutse byinshi rero kandi mbisimbuka mfashwe n'Ububasha bwe kandi mbisimbuka mfashwe n'Imbaraga zamporaga iruhande zankururaga mu buryo bukomeye kugira ngo ntata amayira kandi ntatana. Bityo ngahora iteka nakira urwo rukundo kandi ngahora iteka nakira ubwo burinzi kugira ngo koko nzabe umurinzi wa benshi mu gushyika ku butungane kandi umurinzi wa benshi mu kubabarira no kurwana intambara, kandi no kuba koko isuku nyakuri mu buryo bwo gutunganira Imana kuri roho umuntu anyuze mu magorwa, anyuze mu ntambara, kandi anyuze mu kubabarira gukomeye nawe



IGITABO CY'UBUTUNGANE

akagira ibyo asiga. Bityo koko akaba zahabu y'agaciro kandi akaba urwunguko rukomeye mu bukungu bw'Ijuru ndetse no mu gushyika kuri ubwo butungane busendereye; kuko ariho urwunguko ruri kandi n'ubutunzi akaba ariho buba bukubiye bwose. Niyo mpamvu rero ari icyo kimenyetso cyangaruye mu isi kandi nkaba mu isi muri izo mpamvu zose kugirango ntatifuze kandi nimike ubutungane mu isi hose bugire ifatiro kandi bumenyekane muri bose mu buryo bwo kurushaho kumenya Imana no kuyitunganira; kuko hari benshi babagaho batumva uburyo bashobora gukorera Imana no kwihanganira byose. Bamwe bakumva ko bireba Yezu Kristu we wari Imana kandi wari ufite Ububasha bwa se ntibumve ko ku bwende bwabo bashobora kugira uko bakwitanga kandi uko batunganira Imana biyumva nk'abantu kandi bibona nk'abantu. Ibyo byose rero ni ibikorwa kandi bigaragaza ububasha bw'Ijuru kandi bigaragaza imikorere y'Ijuru mu buryo bushyitse kuko mwenemuntu afite ikimuzana mu isi kandi afite n'intsinzi aba ahagarariye mu isi kugira ngo ibikorwa by'Ijuru bikomeze kwigaragaza kuko ntawe udahamagarirwa gutungana kandi ntawe udahamagarirwa gutunganyiriza byose muri Uhoraho kandi no kubaho byose abigiriye Izina ry'Uhoraho mu isi.

Ni icyo kimenyetso rero kuko ndi Ikamba ry'isi yose mu butungane mu buryo bwo kubuharanira kandi no mu



IGITABO CY'UBUTUNGANE

buryo bwo kuburwanirira mu ntambara zikomeye iz'umuriro ndetse n'izo mu mazi akomeye yuzuye umuvumba kugira ngo koko intsinzi y'Uhoraho yigaragaze kandi ubuzima bwe bwumvikane ku bemeye guca mu bikomeye kandi ku bemeye guhururana na byinshi ariko bizeye ko bari buronke ubuzima ku Bubasha bw'Uhoraho kandi bakaronka intsinzi ku Bubasha bw'Uhoraho. Niyo mpamvu rero nagizwe umwamikazi w'ubutungane kandi nkaba ndi mu isi, mu buryo buhoraho kugira ngo koko mbe icyo kimenyetso kandi nkomeze gukurura bose mbashyira muri icyo kidendezi kandi muri icyo kibatsi cy'ubutungane ngo babashe kwiyumvamo urumuri kandi ubutungane burusheho kwiyongera kuri buri wese utuye mu isi kuko bizaba igikorwa kireba buri wese mu isi nshya kuko ntawe ugomba kuyitwamo adaturanye kandi atujujwe ubutagatifu nyakuri busendereye. Nicyo mbereyeho ku isi rero kandi ni nacyo nagarukiye ku isi mu bihe bitandukanye nkaba na n'uyu muni narafashe icyicaro mu buryo bukomeye kugirango isi yose izamurwemo icyo kibatsi kandi yakire imbaraga zikomeye zo kurushaho kwitagatifuza no kubaho mu rumuri nyakuri rw'ikibatsi cy'ubutungane kuri buri wese, kandi kikamubera koko umutako wo kugira ngo yakire ibyiza by'Ijuru kandi Ijuru riyoboke muri we nawe ariyoboke mu buryo bukwiye kandi bunoze.



**6. AKAMARO K'UBUZIRANENGE BWA
BIKIRAMARIYA MU NZIRA IGANA
UBUTUNGANE.**

Bikiramariya yabaye isugi y'Imana kandi isugi y'isi yose mu buryo bwo kuba umuziranenge kandi mu kurindwa icyaha cy'inkomoko no mu kurindwa icyaha mu buryo bukomeye ari mu isi. Bityo aba umutako nyawo kandi aba umutako w'ituze mu kwakira Ugushaka kw'Imana kandi no mu kwiyumanganya muri byose kugira ngo agaragaze ubusugi bwe kandi agaragaze Urukundo Imana yamubibyemo kandi n'Ubuziranenge yambaye mu kudahutazwa n'ibibonetse byose; kandi mu kudahungabanywa n'isi kuko yari ahagaze ahakomeye kandi ahagaze ku Rutare rukomeye rw'Ubuziranenge; aho icyaha kitagera kandi n'aho imungu idashobora kwonona, ah'umwanzi adashobora gutera amabuye.

Niyo mpamvu rero Bikiramariya ari Ikimenyetso kandi akaba ari Ingirakamaro ku bari mu nzira yo gusatira ubutungane kandi mu nzira yo guharanira ubutungane kuko ababera icyambu kandi akababera umusukuzi mu buryo bukomeye bwa bugufi; kandi mu buryo bwihuse kuko abamanuriramo ubusugi bwe kandi akabamanuriramo ubuziranenge bwe kugira ngo roho ziri mu nzira y'ubutungane zibone urumuri ruhagije kandi roho ziri mu nzira y'ubutungane ziyumvemo imbaraga



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kandi zirebere ku kimenyetso cye mu kunyura mu isi yemera kwakira Ugushaka kw'Imana kandi yemera kwakira icy'Imana imubwira n'icyo imushakaho. Bityo agatunga agatunganirwa kandi akanogera Imana muri byose. Ntabwo rero aba kure y'abari mu nzira y'ubutungane kuko duhorana kandi tukagendana muri ubwo buryo dusigasiye buri wese uri mu butungane kugira ngo abashe kwiyumvamo imbaraga kandi abashe gushyigikirwa n'imbaraga zacu mu buryo bukomeye.

Bikiramariya rero yabaye umuziranenge ku mpamvu yo kugira ngo azirure benshi kandi akure benshi ku kizira kugira ngo koko bakire ubutungane nyakuri kandi Urumuri rwe rubafashe kumva imbaraga z'Ijuru, Urumuri rwe rubafashe kwitagatifuza no kubona koko umuyoboro nyakuri wo kubaho mu Gushaka kw'Imana kuko uri mu Gushaka kw'Imana aba yumvira kandi uri mu Gushaka kw'Imana ntakimuziga kandi nta n'ikimutangira mu gutunganya icy'Imana imusabye kuko ubutungane bujyana no gutunganya buri kimwe cyose umuntu asabwe n'Ijuru, kandi buri kimwe cyose umuntu yiyambarijwemo kugira ngo koko abashe kugitangaho umusanzu kandi abashe gutanga imbaraga ze abigiranye urukundo. Bikiramariya rero yiyambajwe mu buryo bwo kugirango koko abyare umukiza w'isi. Bityo abyumva bwangu kandi abikora abikoranye n'umutima we wemera, umutima uzi ko Imana ishobora byose kandi ko



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Imana nta ntambara n'imwe ishobora kuyinanira. Bityo abona Ubushake bw'Imana kandi abona Ugushaka kw'Imana muri we maze ntiyatindiganya. Bityo byose byuzurizwa muri we kandi byose abiharerwamo imbaraga zikomeye mu rukundo rwinshi yagaragaje bityo koko atangaza agaciro gakomeye k'isi yose kandi umukiza w'isi yose ariwe Yezu Kristu wakijije abantu. Bityo koko aba uw'Ingenzi mu gucungura abantu abigiranye urukundo na Yego ye itarigeze ivangwa na Oya cyangwa ngo ajjiganyeye.

Niyo mpamvu rero ku bari mu nzira y'ubutungane, k'umwisunze kandi k'umugize inzira ya bugufi, ntabwo atinda muri iyo nzira kandi ntabwo abura gutebukirizwa imbaraga zikomeye zimuturutseho mu kurwanirirwa intambara inkundura kandi no kubasha kuzuzwa imbaraga zikomeye zimufasha kujya mbere byihuse; kuko abanyuza mu isuku ye y'umutima kandi akabanyuza mu buziranenge bwe bukomeye. Bityo bagasukurwa vuba kuko ari bugufi y'ibiremwa byose kandi akaba yarabihereye ahakomeye; akaba azi imvune za mwenemuntu kandi akaba azi ukugoka kwa mwenemuntu bityo umunyuzeho kandi umwisunze wese agasukuka vuba kabone n'iyo yaba yarapfuye ahazwa isuku y'ubuziranenge bumukomotseho buturutse mu mutima we. Niyo mpamvu rero Bikiramariya ari inzira ya bugufi kandi akaba koko afite umumaro munini mu



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kugera ku butungane, kubuharanira ndetse no kubusingira mu buryo busendereye ntakibuziga kandi ntakibutambamira. Afite imbaraga rero mu Bubasha bw'Ijuru kandi afite imbaraga akomora mu Butatu Butagatifu zimugira uwo ariwe; kandi zikamugira koko kuba Umuziranenge n'Isugi yanyuze Imana mu buryo bukomeye kuko yavuye koko mu Butungane bw'Ijuru kandi akava mu Buziranenge bw'Ijuru mu buryo nyabwo. Niyo mpamvu rero gusukura kandi no kumenya aho ikibi kiri atahakangwa kandi atahahushwa aba ahazi kandi akaba yiteguye kugikoraho no kugihanagura mu buryo nyabwo.

Abamunyuraho rero kandi abamwizera ko ari Nyirisuku isukura ibyanduye kandi ko ari Umusukuke mu buryo busendereye ntabura kubaha imbaraga, kabone n'aho yaba aterwa amabuye kandi kabone n'aho yaba asuzugurwa ntabura gusukura bose abigirira urukundo rwe; kuko ubutungane bujyana n'urukundo kandi ubutungane bukajyana no kubabarira gukomeye, kurwana intambara uyirwanirira n'abakwanga ndetse n'abagutera amabuye n'abaguhiga, ukemera guca muri iyo ntambara ubarokora kandi ubakiza kugirango koko bahabwe agaciro kandi babe ubukungu nyakuri.

Nicyo rero ubutungane buvuze kandi n'icyo inzira yabwo ivuze kuko bivuze kwitanga kandi no kwitangira abandi



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kugira ngo baronke kandi babone agakiza nyako. Niyo mpamvu rero Bikiramariya ari Ingenzi mu nzira y'abagana ubutungane kandi abafite icyerekezo koko basonzeye ubutungane kandi babuhamanira kuko bahura nawe kandi akababa bugufi mu buryo bwo kubatagatifuza byihuse kandi binoze ntaho banyuze handi ahubwo bakuzuzwa ubwo Buziranenge bwe bityo bagahabwa imbaraga zo kwitagatifuza nyakuri; kandi bagahabwa koko gutura mu gicumbi cy'Ubuziranenge bwe mu buryo bushyitse kandi mu buryo bukomeye bwumvikana mu mbaraga nyazo zidasubira inyuma kandi mu mbaraga nyazo zidatezuka zitagira ikiziziga ndetse n'ikizisubiza inyuma. Afite rero akamaro gakomeye kuko aba koko hafi y'abagana kandi bari mu nzira igana ubutungane kuko ahora iteka mu biremwa kandi tugahorana iteka mu biremwa nk'abatagatifu kugira ngo turusheho gusukura kandi no kuzuzura urumuri abakiri mu rugendo rugana Imana; kandi abari mu nzira y'ubutungane babigirana urukundo n'ukwitanga kwabo gukomeye kuko abongabo abaramira vuba kandi akabagoboka vuba yihuse kuko atanga ubutabazi bwe bwihuse kugira ngo badatsikira cyangwa ngo bananirwe mu rugendo rwo gutunganira Imana.



7. YEZU KRISTU UMWIGISHA W'UBUTUNGANE MU ISI MU MIBEREHO YOSE YA MUNTU.

Yezu yamanuwe n'Urukundo kandi Yezu Kristu amanurwa n'Ubusabane bukomeye kuri mwenemuntu kandi amanuka aje ari Umuhuza w'Urukundo rw'Imana na mwenemuntu mu buryo bushyitse; kandi mu buryo bukwiriye kuko yemeye guca mu nzira ziyoroheje kandi mu nzira zo kwicisha bugufi. Bityo ntiyagaragaza igitinyiro cye kandi ntiyagaragaza koko ko ari Umwami uje mu isi kandi Umwami uje kwimura abandi bami, umwami uje gutegeka kandi Umwami uje gutwara abatuye isi yose mu buryo bwo kubegukana. Byose ntiyabigaragaje muri we kandi ntiyabigaragaje ku mugaragaro ahubwo yabigize ibanga rikomeye kandi abigira ibanga rituma isi idakangarana kandi n'abo yari aje kwiyegereza ngo badakangarana. Bityo amanuka mu bwiyoroshye n'ubwicishe bugufi kandi asiga Ubwiza n'Icyubahiro yagombaga kuba arimo kandi aganjemo yemera kuza kugaragurwa hasi kandi yemera kuza gukunengwa mu mukungugu kugira ngo areshye bese, kandi abe insuzugurwa ya bese agirirwe igisuzuguriro mu buryo bukomeye bwa mwenemuntu ndetse no kumva ko ntacyo ashoboye. Ariko ibyo ntibyakuragaho uwo ariwe kandi ntibyakuraga Ubutungane bwari mu mutima we ngo bubuhindure cyangwa se ngo bubisubize inyuma;



IGITABO CY'UBUTUNGANE

kuko atigeze yitotomba cyangwa ngo atekereze ko ari gusuzugurwa na mwenemuntu. Yabaye rero inzira y'ubwiyoroshye kandi aba ikimenyetso gikomeye cy'Ubutungane nyakuri bw'Imana; kuko butirwanirira kandi kuko butarwana intambara zitari ngombwa kandi intambara zidafite icyo zigambiriye n'icyo zigaragaza. Yemeye rero guca bugufi muri byose kandi yakira Ugushaka kw'Imana Se kuko yari azi neza ko ariko kumuzanye kandi aje kwemera byose no kwakira byose. Bityo aba Ikimenyetso cya benshi mu kumenya guca bugufi ndetse no kwiyoroshya kugira ngo abe byose muri bose. Yabaye rero Umwigisha atavuze kandi aba umwigisha mu bikorwa bikomeye isi yagombaga kumenya kandi isi yagombaga kugaragarizwa kuko yari aje gutanga inyigisho kandi yari aje guhishura byinshi kugira ngo mwenemuntu amenye ububi bwe kandi mwenemuntu amenye kamere yifitemo ya kinyamaswa atahawe n'Uwamuhanze yakuye ku mwanzi kugira ngo koko abashe kumenya ko hari ikibi kiri muri we yisukure kandi amenye ko hari igituye muri we kitari ngombwa kuko yari aje gushyira ku mugaragaro ibiri mu mitima y'abantu no kugira ngo abiserure. Bityo koko mwenemuntu amenye intambara zimurimo kandi zimurwaniramo.

Niyo mpamvu rero uri mu nzira y'ubutungane agomba kubona igiserura kandi akabona igikoma kuri kamere ye



IGITABO CY'UBUTUNGANE

yose kugira ngo igende ikurwaho. Uwemeye koko kugendera muri iyo nzira kamere ye ikurwaho kandi igahindurwa n'amaraso ya Yezu Kristu yaje aje kumena kuko yari amaraso atunganya kandi amaraso atagatifuza. Bityo uko yayavangaga n'umukungugu kandi uko yivangaga n'ubutaka byari uburyo bwo gutagatifuza kandi bwari uburyo bwo kugira ngo ikibi gisukurwe. Niyo mpamvu rero uri mu nzira y'ubutungane agomba guhura n'izo nyigisho kandi agahura n'izo mbaraga z'amaraso ya Yezu Kristu yamenetse mu buryo bwo kwumva ko kamere ye ari ubusabusa kandi igomba gukorwaho kugirango ihindurwe kandi ihindikizwe koko igirwe intagatifu, ikurweho ubusembwa bwose, ahari kameremuntu hashyirwe kameremana mu kurushaho kuzuza ibyiza by'Ijuru kandi no mu kwakira umugambi w'Ijuru kuri kameremuntu yahinduwe kamereMana mu buryo busendereye.

Yezu rero yaje ari Ikimenyetso cya byose kandi aza ari Ikimenyetso koko cyo kunyura mu isengesho kugirango umuntu yitagatifurizemo kandi mu isengesho agiranye ukwemera n'ubuyoboke abashe koko kwakira ubusendere nyakuri bw'Ijuru kandi abashe gutagatifuzwa kuko mu isengesho hahongererwamo byinshi kandi mu isengesho hakabaho kwima umwanzi igihe ndetse no kumuha urwaho. Bityo hakabaho wa musabano nyakuri uhuzwa Ijuru ndetse na mwenemuntu kuko mu isengesho



IGITABO CY'UBUTUNGANE

ariho yasabaniraga na Se kandi mu isengesho akaba ariho ahurira n'abamarayika mu buryo bwo kwambara imbaraga; kandi mu buryo bwo kuzuzwa urumuri rukomeye kugira ngo akomeze kuvomerera isi kandi akomeze kuyiha imbaraga ze kugera mu nda y'isi ariko yajajangaga umwanzi kandi ariko yacogozaga imbaraga ze zose. Nyamara umwanzi ntamenye aho Yezu Kristu yambarira imbaraga kandi ntamenye aho akura Ububasha kuko yahoraga yihindura ukundi igihe agiye mu isengesho akisanisha na Se kandi agahabwa umusabano ukomeye uko yari ari uyu muni ejo ntawe ariko ari ahubwo hari icyiyongereyeho kuko yabaga nk'Umwana ugenda ukura mu myaka, uko iza akagenda yambara igitinyiro cya Se mu buryo bwo kudakanga benemuntu kuko babonaga akuza igihagararo ariko ari nako n'Ububasha muri we bugenda bwiyongera, bugara, bukura, bugaba amashami mu buryo bwo gutsinda isi no kuyihigika.

Yanyuze rero mu isengesho mu buryo bwo kwitagatifuza kandi mu buryo bwo gucana ikibatsi gihoraho mu mitima, ikibatsi gihora gitagatifuza binyuze mu isengesho kandi mu mbaraga zikomeye z'isengesho kuko haboneka ubwitagatifuze bukomeye kandi hakaboneka koko intwari zo gutsinda umwanzi no gutsinda ingusho ze zose zituma mwenemuntu atitagatifuza uko bikwiriye. Bityo mu isengesho hagatsindwamo ubwikuze bwa



IGITABO CY'UBUTUNGANE

mwenemuntu kandi no kurambirwa kwa mwenemuntu no kudaha umwanya Ijuru kwa mwenemuntu kuko mu isengesho umuntu ahavoma imbaraga zitagatifuza mu buryo bukomeye kandi zimwubaka mu buryo bukomeye igihe koko ahanze amaso Ijuru; kandi igihe ari gusingira inzira y'ubutungane ariyo aganamo kuko hiyubaka imbaraga kandi hagafungurwa Ububasha bw'Ijuru mu buryo budasanzwe rigasabana nawe kandi rigaturana nawe mu buryo bukomeye. Niyo mpamvu rero Yezu Kristu yaje gukingura byose kandi akagaragaza imbaraga zose mu kwitagatifuza kugirango yereke mwenemuntu ko mu kugendera mu bwiyoroshye kandi mu kwemera kwakira isuku ya roho ariho ubwitagatifuze nyakuri bushingiye kandi ariho ubutungane nyakuri buturuka; kuko uwemeye guca bugufi kandi uwemeye gusukuka aronka isuku nyakuri y'umutima kandi akaronka ubutungane bushyitse mu buryo bwihuse. Ntabwo rero yagiye muri Yorodani ari uko afite icyasha cyangwa se ari uko afite ikibi yakoze. Ahubwo yagira ngo afungurire bose kandi abereke inzira yo kwiyoroshya no kwitagatifuza nyakuri kwisanisha na kameremuntu, kwisanisha n'abababaye, kwisanisha n'abanyabyaha kandi kwisanisha na ba bandi batitabwaho kugira ngo hose akingurire bose kandi bose abagenere koko inzira yo kunyuramo bitagatifuza kuko buri wese ahiriwe mu gikorwa anyuramo abigiriye urukundo rw'Imana kandi abigiriye kubaka abandi no kubakomeza kugirango



IGITABO CY'UBUTUNGANE

babone Ububasha bw'Imana kandi biyumvemo Imbaraga z'Ijuru mu buryo budasanzwe. Yezu Kristu rero yabaye Umwigisha kugera ku ndunduro ya Kalvariyo kandi kugera ku ndunduro y'ubuzima bwe mu isi kuko hose yatangaga Urumuri kandi hose agatanga Ibyishimo n'Urukundo. Bityo ntabure guha n'amahoro abayamwimye kandi ntabure kuramutsa n'abamutereranye kandi bakamwibagirwa igihe akomeye. Bose akabifuriza amahoro kuko imbuto y'ubutungane kandi imbuto igaragaza ko umuntu yifitemo isuku ya roho ari uguha abandi amahoro kandi ari uguha abandi ibyishimo, urukundo. Igihe cyose inabi ntiganze ineza kandi inabi ntitunguke imbere y'ikigira mwenemuntu kandi n'ikimuha ubuzima. Bityo inabi igahora itsindwa kandi inabi ntigire ubwo itunguka imbere y'urukundo. Niyo mpamvu rero Yezu Kristu yabaye Umwigisha mu buryo bukomeye kandi agatsindagira bikomeye koko ab'umutima uboneye, kandi ab'umutima usukuye aribo bagomba kubona Se kandi koko ababiba ubutungane kandi ab'intungane koko abaha kunga ubumwe na Se mu buryo bukwiriye. Yabaye rero Ikimenyetso kandi aba Umwigisha ukomeye mu buryo bwo kwambara ubutungane kandi no kubuharanira anyuze mu magorwa yose kugira ngo mwenemuntu amenye koko ko ubutungane buharanirwa kandi ubutungane bukorerwa kandi ubutungane bushakishwa bukagerwaho mu kwemera ndetse mu rukundo n'ubwiyoroshye nyakuri



IGITABO CY'UBUTUNGANE

bwo kwemera guca muri byose no kwihanganira byose mu buryo nyabwo; mwenemuntu abigiriye ikuzo ry'Imana kandi abigiranye n'Ugushaka kw'Imana yifitemo muri we kuko aba azi ko Imana icyo ishaka cyose gitunganye kandi ari icyiza. Ntabereho kunena ndetse no guta ku ruhande icyo asabwe n'Ijuru kandi icyo ategetswe n'Ijuru. Niyo mpamvu rero yabaye Umwigisha nyakuri mu isi kandi akaba Umwigisha w'abari mu nzira igana Imana bose bari mu isi kugira ngo abereke inzira kandi ababere ikimenyetso kugeza ku ndunduro y'ibihe byose mu kurushaho kwitagatifuza no mu kwakira Ugushaka kw'Imana mu buryo bunonsoye kandi busendereye.

UMWANZURO.

Ubutungane ni Ibendera ry'abemera Imana kandi ni intsinzi y'abafite urukundo rw'Imana muri bo kandi ni intsinzi koko y'abakomeye ku Bubasha bw'Imana kandi babuhamya muri bo; kuko ubutungane ariyo mbuto ya mbere igaragara kandi ikerera abandi imbuto nyamwinshi kandi igakomokwaho n'imbuto nyinshi mu buryo bw'uko ubutungane bwa mwenemuntu kandi Ubutungane ahabwa n'Imana busendereye bugirira umusaruro benshi kandi akibonwamo na benshi mu buryo bwo kubahiriza icyo Imana isaba kandi no kuba Ijwi ry'abandi mu buryo busendereye mu bantu; kuko ufite ubutungane aba



IGITABO CY'UBUTUNGANE

afitanye umusabano ukomeye n'Ijuru kandi igihe ubutungane bwe kwasendereye nta na kimwe gishobora kumwisoba kandi nta na kimwe ashobora guhishwa n'Ijuru kuko buri kintu cyose, buri kibazo cyose akibonera igisubizo; kandi ikimubereye insobe Ijuru rikihutira gusobanura kandi rikihutira kumuha umurongo nyakuri wo kugira ngo agendereho kandi ubutungane bwe bukomeze gusagamba no gukwira muri bose.

Ufite ubutungane rero ntabwo agira ikindi ararikira kandi ufite ubutungane yibonamo amahoro akiyumvamo iruhuko akibonamo ibyishimo kandi akaba ibyishimo by'abandi mu isi akaba icyomoro cy'abababaye ntagire ubwo asuzugura icyaremwe n'Imana ndetse n'icyahumetswe nayo kuko byose abibonamo ubutungane bw'Imana kandi akabibonamo byose urukundo rw'Imana. Ubutungane rero ni urukundo kandi ubutungane ni ibyishimo. Ubutungane ni ukwemera kandi ubutungane ni ukwizera gukomeye umuntu aba yifitemo kuko imbuto y'ubutungane yera izindi nyinshi kandi igatanga ubwigenge kuri buri kimwe cyose kuko uri mu butungane ntabera, ahubwo arangwa n'ubutabera kuri buri kimwe ntagire uwo arenganya ntagire uwo ahohotera kuko ubutungane bumurimo bumuha kubabarira kandi bukamuha kumenya icyingenzi mu guca imanza zitabera.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Uri mu butungane rero aba ari mu musabano ukomeye n'ljuru kandi aba ari mu rukundo rukomeye n'ljuru kuko uwabugezeho mu buryo busendereye atakiyegayega kandi atagicubangana, uwonguwo yigiramo byose kandi aba atunze byinshi kuko aba ari umutunzi kuri buri kimwe cyose cy'ljuru kandi agahabwa n'uburenganzira bwo kumenya iby'isi mu buryo burenze kandi mu buryo bujyanye n'icyo ljuru ryifuza kandi rishaka.

Kwakira rero ubutungane, kubuharanira, kubusonzera ni ikindi, kandi ni ingabire y'ikirenga, ni ikibatsi gikomeye ijuru rigurumanisha mu mutima kandi kuri Roho ibishaka, ishaka gutera intambwe bityo igahora iteka isonzeye ubwo butungane kandi igahora iteka ishaka kugera ku gasongero k'ibyo byiza ntigire ubwo irambirwa kandi ntigire ubwo itezuka cyangwa ngo ibe yata umurongo wo kubasha guharanira icyo cyiza no kukigeraho itabashe kumara inyota ifite kuri roho yo gusingira ubutungane no gusa n'Imana.

Kwakira rero ubutungane ni ishusho nyakuri y'Imana kandi ni ishusho nyakuri y'urukundo rw'Imana mu bantu ndetse no kuri roho bwite ubwayo iri mu butungane kuko yiyumvamo iruhuko kandi igahora iteka isimbagizwa n'icyo kibatsi cy'urukundo igahora iteka iri mu bushorishori bw'ljuru kandi itambatamba iyo mpumuro igurukirana mu kirere cy'ljuru igihe cyose; kuko uri mu



IGITABO CY'UBUTUNGANE

butungane nta kimukoma imbere mu by'Ijuru kuko aba ari nk'umwana utetera mu biganza by'umubyeyi we. Niyo mpamvu rero roho z'intungane ziri mu biganza by'Imana kandi roho z'intungane zikaba ziba mu mahoro iteka n'ibyishimo bityo ababibona bakabona ko ari ibisazi kandi ababibona bakaberaho gucira imanza intungane ariko ziri mu byishimo bihoraho mu maso y'Imana.

Ubutungane rero ni ingenzi kuri buri roho yose kandi ubutungane ni imbaraga zigomba kugaragara mu isi hose mu buryo budasanzwe mu bihe nyabyo kandi muri ibi bihe kuko bugomba kwigaragaza bukera imbuto bugatanga umusaruro; bityo buri wese akiyumvamo ubutungane kandi akagirana umusaruro ukomeye n'Ijuru mu buryo bwo guhinduka kandi mu buryo bwo kuvugururwa binyuze koko muri iyo nzira yo gusonzera iby'Ijuru no kubishakashaka kuko hazabaho kutabimenyera ndetse no kutabibona uko abantu bibwiraga uko bagomba kubibona; ahubwo muri uko kubisonzera buri wese uko abirarikiye bikamuha koko gusingira ubutungane kugira ngo abashe guhabwa ibyo byiza by'Ijuru. Akanyuzwa koko mu isuku kandi akanyuzwa mu isukuriro kugira ngo abashe kubyakira kandi abashe kubisenderezwa mu buryo nyabwo kandi mu buryo bukwiriye, buboneye.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Nifurije rero buri wese mu bari mu nzira igana koko ubutungane mu babusonzeye, mu bataramenya icyerekezo cyabwo kugira ngo buri wese koko abashe kurwana inkundura kandi abashe kubaduka kugira ngo yakire imbuto z'ubutungane kandi yiyumvemo urukundo amahoro n'ibyishimo muri we kuko aribyo bizajya bimugarurira ubutungane kandi bukabibwa muri we mu buryo bwihuse kandi busendereye.

Ibihe byiza rero, kugubwa neza kuko ndi umwamikazi w'ubutungane kandi nkahora iteka hafi ya roho zose ziri mu nzira igana ubutungane nzitagitifuza, iziri mu bikomeye, nkazorohereza urugendo kugira ngo zibashe gushyika kandi zibashe kurenga ibikomeye zirimo; bityo zakire ubutungane nyakuri bityo bongererwe koko kunyura ahandi kuko ubutungane umuntu abugeraho yanyuze mu isukuriro kandi yanyuze mu ruganda mu buryo butandukanye kugira ngo koko abe igikoresho nyacyo kandi ashyike ku busendere nyakuri bw'ubutungane bukomeye kandi bwuzuye. Nkunda rero buri roho yose iharanira ubutungane kandi nkayiba bugufi nkemera kubabara kandi nkemera gutambuka imbere yayo kugira ngo nyishyire ku mugongo nyambutse kandi nyuzuze imbaraga zikomeye zo kurushaho kuba mu butungane ndetse no kurushaho kubusenderezwa mu buryo nyabwo kandi bushyitse.



IGITABO CY'UBUTUNGANE

Amahoro rero kuri buri wese uri muni y'ljuru kuko naje gukwirakwiza ubutungane kandi nkaza kubwumvikanisha mu mitima ya benshi kugira ngo babashe kubwakira kandi babashe kububamo no kubushyikira mu buryo bworoshye kuko aricyo mbereyeho mu isi kandi akaba aricyo nagarukiye muri ibi bihe kugira ngo ntange izo mbaraga kandi ngoboke ababikeneye, abo bese umwanzi yari yaragiye afukirana bityo ntibite ku nzira y'ubutungane bwabo kandi ntibite ku gaciro n'umukiro wa roho zabo.

Ibihe byiza rero. Amahoro ntore z'Imana. Ndabakunda kandi mpora hafi ya roho yose iri mu nzira y'ubutungane nyisabira kandi nyishishikariza icyiza kinyuze amaso y'Uhoraho kandi kinyuze Ububasha bw'ljuru.

Ibihe byiza. Ibihe byiza. Inzira nziza y'ubutungane kuri buri wese, amahoro n'ibyishimo. Urukundo rukomeze rugwire mu mitima kugira ngo koko ubutungane bukure kandi bugabe amashami hose.

Ibihe byiza ntore z'Imana. Ibihe byiza ntore z'Imana. Amahoro Amahoro. Amahoro Amahoro.

Ndi mutagatifu Rita.

Amahoro. Amahoro.



IGITABO CY'UBUTUNGANE